# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

Kwibuka kwibuka twiyubaka 31

NO .E-7 | TARIKI 01-07 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

AMAKURU
Kwibuka 31: Hazagarukwa ku Miryango Mpuzamahanga yananiwe kurandura FDLR 2



AMAKURU
Hateganyijwe urugendo rwo Kwibuka – MINUBUMWE 4



AMAKURU
Perezida Kagame yasabye Isi gukoresha AI igabanya ubusumbane 11



MU NTARA
Yahereye ku biti 50 by'ikawa none ageze ku gipimo gifite agaciro ka miliyoni 3Frw 15



# U Bubiligi bukomeje amacakubiri yazaniye u Rwanda Jenoside yakorewe Abatutsi

***U Rwanda rweretse amahanga uko u Bubiligi bwateguye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bukaba bukomeje no gutsimbarara ku ngengabitekerezo yayo kugeza ubu.***

Byagarutsweho kuri iki Cyumweru tariki ya 6 Mata 2025, mu Nama Mpuzamahanga igaruka ku kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni inama yitabiriwe n'impuguke, abashakashatsi, abanditsi b'ibitabo n'abayobozi mu nzego zitandukanye barimo n'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, n'abandi baturutse hirya no hino ku Isi.

Ashingiye ku mateka, Minisitiri Dr Bizimana Jean Damascene yagaragaje ko hari inyandiko zanditswe n'Abapadri bagaragaza ko Abanyarwanda bari bunze ubumwe baza gutandukanywa n'abazungu b'Ababiligi baje kubakoloniza.

Yavuze ko igitabo cya mbere cyasohotse mu 1930, cyiswe "U Rwanda rwa kera n'urw'ubu".

KOMEZA KU RUP.3



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr Jean Damascene Bizimana


## Musanze: Abarokotse Jenoside borojwe inka baziburira ubwatsi

***Bamwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, batujwe mu Mudugudu wa Kiryi uherereye mu Kagari ka Kigombe, Umurenge wa Muhoza mu Karere ka Musanze, bagowe no kubona ubwatsi bw'inka borojwe mu rwego rwo kubafasha kwikura mu bukene.***

Abavuganye na Imvaho Nshya bagaragaza ko bakimara guhabwa inka batagiraga ikibazo kubera ko Umudugudu wa Kiryi batujwemo wari ukizengurutswe n'Igisigara cy'Akarere, ari na ho babonaga ubwatsi bw'inka biboroheye.

KOMEZA KU RUP.3

## Kwibuka 31: 'Amahanga afitiye inzigo RPF Inkotanyi yahagaritse Jenoside'




URUP.5

## Kwibuka31: Ibikomere bya Jenoside biracyahari- RBC



URUP.8

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Kwibuka 31: Hazagarukwa ku Miryango Mpuzamahanga yananiwe kurandura FDLR

**KAMALIZA Agnes**

***Mu bikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hazagaragazwa umwihariko w'Umuryango Mpuzamahanga wo kutigira ku mateka, bigatuma ibyemezo wiyemeje byo kwigira kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, birimo guca burundu Umutwe wa FDLR n'ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere bitubahirizwa.***



**Urumuri rw'icyizere ruracanwa ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali**

Ibyo ni ibyagarutsweho na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), ubwo yagaragazaga inyoborabikorwa ku Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi, aho hazakomeza kugendera ku ngingo igira iti: "Kwibuka Twiyubaka".

MINUBUMWE yagaragaje ko hazazirikanwa amateka yatumye Jenoside yakorewe Abatusi ibaho, urugendo rwo kubaka Igihugu, ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, uruhare rwa buri wese mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragariramo byose.

Icyumweru cy'Icyunamo kizatangira ku wa 07 Mata 2025; ku rwego rw'Igihugu kizatangirizwa ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ari na ho umuhango wo Kwibuka uzabera ku rwego rw'Igihugu.

Hateganyijwe Urugendo rwo Kwibuka "Walk to Remember" ruzahagurukira ku Nteko Ishinga Amategeko igasorezwa kuri BK Arena ahazabera "Umugoroba w'Ikiriyo".

Ibyo bikorwa bizanyuzwa no kuri radiyo na televiziyo by'Igihugu.

### Ku rwego rw'Uturere

Mu Turere Icyumweru cy'icyunamo kizatangirizwa ku rwibutso rw'Akarere cyangwa ku rundi rwibutso ruzagenwa n'Akarere.

Mu Midugudu yose hazaba igikorwa cyo kwibuka kizarangwa no gutanga ikiganiro cyateguwe na MINUBUMWE no gukurikira ubutumwa bw'umunsi.

Kuri uwo munsi (tariki 07 Mata), bikorwa byose n'indi mirimo byemerewe gukomeza nyuma y'igikorwa cyo Kwibuka.

Ibikorwa nk'iby'ubutabazi (farumasi ziri ku izamu, ibitaro n'amavuriro, bizakomeza guha serivisi ababigana kimwe no kujya gufata indege no kuzana abagenzi zizanye.)

Hoteli zizakomeza guha serivisi abazicumbitsemo.

### Icyumweru cy'icyunamo (7-13 Mata 2025)

Kuva tarikiya 7 kugeza 12 Mata 2025, hateganyijwe ibikorwa byo Kwibuka ahantu hatandukanye mu Gihugu ku matariki yemeranyijweho n'inzego zibishinzwe.

### Inyoborabikorwa ku kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi

Tariki 10 hateganyijwe ikiganiro kizahabwa abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda; hateganyijwe n'ibihuza urubyiruko n'ibindi byiciro.

Ku rwego rw'Umudugudu, uretse ikiganiro kizatangwa ku itariki ya 7 Mata 2025 nta bindi biganiro biteganyijwe.

Tariki ya 11 Mata 2025 mu Mujyi wa Kigali, hateganyijwe urugendo rwo Kwibuka mu Karere ka Kicukiro (ruzatangirira kuri IPRC Kicukiro), n'umugoroba wo Kwibuka uzabera ku Rwibutso rw'i Nyanza ya Kicukiro.

Ibikorwa by'ubucuruzi, siporo z'abantu ku giti cyabo, imyitozo y'amakipe, indi mirimo itunze abantu n'ibyara inyungu, bizakomeza gukorwa mu cyumweru cy'icyunamo.

Mu cyumweru cy'icyunamo kandi ibendera ry'Igihugu rizururururutswa rigezwe hagati.

### Tariki ya 13 Mata 2025: Gusoza icyumweru cy'Icyunamo

Ku rwego rw'Igihugu icyo gikorwa kizabera ku Urwibutso rwa Rebero, hazirikanwa Abanyapolitiki bishwe bazizwa kurwanya umugambi wa Jenoside.

Mu Turere bazakora ibikorwa byo kwibuka aho biteganyijwe ariko nta gikorwa cyihariye cyo gusoza icyumweru cy'icyunamo giteganyijwe ku rwego rw'Akarere ariko icyo gikorwa cyo kwibuka Jenoside ntikirenze amasaha atatu.

### Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu nzego zitandukanye

Igikorwa cyo Kwibuka mu bigo bya Leta, ibyigenga, iby'abikorera, na ambasade z'ibindi bihugu mu Rwanda bizakorwa ku munsi watoranyijwe, hagati ya tariki 8 Mata na 3 Nyakanga 2025.

Buri rwego rwishakira utanga ikiganiro ubifitemo ubumenyi, yaba umukozi warwo cyangwa ututrutse ahandi, akifashisha inyoborakiganiro yatangajwe na MINUBUMWE.

Kwibuka mu bigo by'amashuri bizategurwa n'ubuyobozi bw'ishuri, bushyireho Komite yo gutegura no kuyobora icyo gikorwa.

Ibigo by'amashuri bizateganya umunsi wihariye wo Kwibuka, gusura inzibutso, no guhabwa ikiganiro mu gihe abanyeshuri bazaba bavuye mu biruhuko.

Misa n'amateraniro mu gikorwa cyo Kwibuka ntibishyirwa mu gikorwa cyo Kwibuka, ariko mu gihe icyo gikorwa cyateguwe n'umuryango ushingiye ku myemerere, cyangwa ibigo bishamikiye kuri iyi Miryango byemewe n'amategeko, hagamijwe Kwibuka abayoboke cyangwa abanyamuryango babyo bishwe muri Jenoside, bikorwa hakurikijwe imyemerere yabyo.

Umugoroba w'Ikiriyo ubanziriza umunsi wo Kwibuka cyangwa gushyingura imibiri y'abazize Jenoside, usozwa bitarenze saa yine z'ijoro.

Urugendo rwo Kwibuka bitabangamiye urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu, rushobora gukorwa mu gihe rwemejwe n'inzego zibifitiye ububasha.

Icyo gihe hirindwa gufunga imihanda, inzira n'ibindi bikorwa, kandi rugakorwa mu ituze.

Mu rwego rwo gusigasira amateka, inzego zateguye igikorwa cyo Kwibuka zifata mu buryo bw'ikoranabuhanga amajwi n'amashusho by'ubuhamya bwatanzwe, MINUBUMWE ikagenerwa kopi y'ibyafashwe.

Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, inzego zose zirasabwa kugabanya ikoreshwa rya banderole (banners) mu gusakaza ubutumwa, ahubwo hagakoreshwa ibyapa binini (billboards) n'insakazamashusho (LED screens).

Nyuma y'icyumweru cy'icyunamo, ibirango byo kwibuka bizamanurwa; bikomeze gukoreshwa gusa igihe hateguwe igikorwa cyihariye cyo Kwibuka.





# U Bubiligi bukomeje amacakubiri yazaniye u Rwanda Jenoside yakorewe Abatutsi

IBIKURIKIRA URUP.1

Ati: "Muri icyo gitabo cyagaragazaga uko Abanyarwanda bari bahuje, umwanditsi agira ati, abaturage b'iki Gihugu biyumvamo ko ari bamwe ari Abanyarwanda ari yo nyito y'Igihugu cyabo, bakunda aho batuye n'ubutaka bwabo. Ntibakundaga umuryango wabo, cyangwa Komini yabo, ahubwo ni Igihugu cyose."

Yagaragaje n'ikindi gitabo cyanditswe n'umupadiri w'umuzungu, Pagesse, mu 1953 aho yagaragaje ko Abanyarwanda mbere yo kuza kw'abazungu cyari cyo gihugu ku Isi gifite ururimi ruvugwa mu gihugu hose bikaba byaroroshyaga imibanire y'abaturage, ubumwe, ubuzima, imico n'imibanire n'imiyoborere hagati y'abaturage n'inzego zitandukanye z'Igihugu.

Dr Bizimana yagize ati: "Abo bari bunze ubumwe gutyo ntabwo bari kwicana, iyo iyo myumvire idasenywa n'abazungu bagamije inyungu zabo."

Yakomeje agaragaza ko Abakoloni b'Ababiligi baje bashyigikira ishingwa ry'amashyaka ashingiye ku moko ari yo PARIMEHUTU na APOROSOMA akomeza ibikorwa by'Abakoloni.

Ati: "Intiti z'Abanyarwanda muri za kaminuza, mu madini no mu yandi mahuriro, bakomeje kubaka ingengabitekerezo ya Jenoside.

Minisitiri Dr Bizimana yavuze ko ikibabaje ari uko ibyo bikorwa bikomeje na nyuma y'imyaka 31 Jenoside ihagaritswe, aho ibihugu by'u Burayi by'umwihariko mu Bubiligi, bikaba bikomeje gushyigikira ingengabitekerezo ya Jenoside.

Icyakora yashimye u Bufaransa bwafashe inzira itandukanye aho abagaragaza ingengabitekerezo babihanirwa n'inzego z'ubutabera.

Ati: "Mu 2024, uwitwa Charles Onana yarahanwe kubera guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi; bwari ubwa mbere bibera hanze y'u Rwanda. Turabishima cyane."

Yakomeje avuga ko muri iki gihe hari ibikorwa bya Leta bigamije kuburizamo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ati: "Byabaye mu Bubiligi tubona imijyi nka Liege na Burge, ibuza kwibuka mu ruhame Jenoside yakorewe Abatutsi, ni ibintu bibabaje".

Yakomeje avuga ko u Bubiligi bukomeje kwibasira u Rwanda kubera ibibazo by'umutekano muke birimo kubera muri Repubulika Ihanira Demokarasi ya Congo.

Yibukije ko mu 2014 Umuryango w'Abibumbye wafashe icyemezo ko ibihugu bigize uwo muryango bigomba kwibuka Jenoside kandi bikayamagana hose ku Isi, ariko muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo hakomeje kugaragara ivangura amahanga arebera.

Minisitiri Dr Bizimana yashimangiye ko amategeko mpuzamahanga yashyiriweho guharanira ko nta handi Jenoside yaba ku Isi agomba kubahirizwa mu bihugu byose ntibigume mu magambo gusa.

# Musanze: Abarokotse Jenoside borojwe inka baziburira ubwatsi

IBIKURIKIRA URUP.1

Nyuma y'imyaka 15 ishize, abo baturage bavuga ko ibintu byahindutse kuko aho bakuraga ubwatsi hashyizwe rwiyemezamirimo agateramo ubwatsi bw'amatungo arinda cyane ku buryo n'iyo inka itarabukiyemo abacisha amande.

Umwe mu borojwe inka Nyirahabimana Chantal, yagize ati: "Twishimira ko tugenda dufashwa mu buryo bwose kugira ngo tubeho, neza ariko ikibazo dufite kuri ubu ni ikijyanye n'izi nka tworojwe. Twifuza ko baduha igice kimwe tugateramo ubwatsi."

Ana Mukankubito na we warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi akaba ari mu batujwe mu Mudugudu wa Kiryi, avuga ko ubuyobozi bukwiye kubafasha kubona aho gutera ubwatsi kandi ngo harahari.



**Umwe mu borojwe inka Nyirahabimana Chantal**

Yagize ati: "Ahandi nabonye hari abo batuje mu Midugudu bahabwa urwuri, ariko twebwe ho usanga izi nka zizadupfira ubusa, gusa ntitwavuguruza Akarere ariko na ko nigashishoze yenda niba twe tudafite ubukode baduhe igice kimwe."

Yakomeje yemeza ko icyo kibazo bakigejeje ku buyobozi bw'Akarere ka Musanze, ariko ngo amaso yaheze mu kirere.

Abo baturage bavuga ko ikibabaje ari uko inka zabo zisigaye zirisha ubwatsi bahiye ku nkengero z'umuhanda buba budahagije ugereranyije n'ubwatsi inka ikenera kurya buri munsi.

Kayiranga Theobald, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Musanze ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, yemeza ko icyo kibazo bakizi kandi ko bagiye gushakira igisubizo kirambye icyo kibazo inka zorojwe abo baturage zifite.

Yagize ati: "Bahawe aho gutura ndetse barorozwa, ntabwo rero bigeze basaba aho kororera. Tuzi ko banditse ibaruwa basaba ko rwiyemezamirimo avamo, gusa kubera ko rwiyemezamirimo yahakodesheje ubwo yenda twazareba icyo amasezerano yagiranye n'Akarere avuga. Twazahera hariya yenda tubaha aho bashyira ubwatsi niba na bo twabasaba kugira icyo bigomwa bakajya babona ubwatsi bw'inka zabo."

Umudugudu wa Kiryi watujwemo imiryango igera kuri 15, ikaba ikomeje kugaragaza ibibazo binyuranye, ahari inyubako zishaje n'ibindi basaba ko ubuyobozi bwababa hafi mu kubikemura.

# Hateganyijwe urugendo rwo Kwibuka – MINUBUMWE

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, MINUBUMWE, yatangaje gahunda zizakurikizwa mu cyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Tariki 07 Mata 2025, u Rwanda n'Isi yose bazibuka Jenoside yakorewe Abatutsi. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: 'Kwibuka Twiyubaka.'

MINUBUMWE yamenyesheje ko icyumweru cy'icyunamo kizatangirizwa ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ari naho umuhango wo Kwibuka uzabera ku rwego rw'Igihugu, nimugoroba hakazakorwa urugendo rwo kwibuka.

Inyoborabikorwa ya Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu ku kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi, igira iti: "Hateganyijwe Urugendo rwo Kwibuka 'Walk to Remember' izahagurukira ku Nteko Ishinga Amategeko igasorezwa kuri BK Arena ahazabera 'Umugoroba w'Ikiriyo".

Minisiteri itangaza ko mu gihe bitabangamiye urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu, urugendo rwo Kwibuka rushobora gukorwa mu gihe rwemejwe n'inzego zibifitiye ububasha.

Iti: "Icyo gihe hirindwa gufunga imihanda, inzira n'ibindi bikorwa, kandi rugakorwa mu ituze."

Biteganyijwe ko mu Turere icyumweru cy'icyunamo kizatangirizwa ku rwibutso rw'Akarere cyangwa ku rundi rwibutso ruzagenwa n'Akarere.

Umunsi uzatangiriraho icyunamo, mu midugudu yose hazaba igikorwa cyo kwibuka kizarangwa no gutanga ikiganiro cyateguwe na MINUBUMWE no gukurikira ubutumwa bw'umunsi buzatambuka kuri Radiyo na Televiziyo.



**Minisitiri wa MINUBUMWE Dr Bizimana Jean Damascene yashimangiye ko abari muri FDLR badashaje**

MINUBUMWE yanakomoje ku bikorwa biteganyijwe mu gihe cy'icyumweru cy'icyunamo, aho ku itariki 10 Mata hateganijwe ikiganiro kizahabwa abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda.

11 Mata 2025, mu Mujyi wa Kigali, hateganyijwe urugendo rwo Kwibuka mu Karere ka Kicukiro (ruzatangirira kuri IPRC Kicukiro), n'umugoroba wo Kwibuka uzabera ku Rwibutso rw'i Nyanza ya Kicukiro.

Hateganyijwe kandi ibiganiro bihuza urubyiruko, n'ibindi byiciro.

Ibikorwa by'ubucuruzi, siporo z'abantu ku giti cyabo, imyitozo y'amakipe, indi mirimo itunze abantu n'ibyara inyungu, bizakomeza gukorwa mu cyumweru cy'icyunamo.

Igikorwa cyo gusoza icyumweru cy'icyunamo kizabera ku Urwibutso rwa Rebero, hazirikanwa abanyapolitiki bishwe bazizwa kurwanya umugambi wa Jenoside.

Mu Turere bazakora ibikorwa byo kwibuka aho biteganyijwe, icyakoze MINUBUMWE yavuze ko nta gikorwa cyihariye cyo gusoza icyumweru cy'icyunamo giteganyijwe ku rwego rw'Akarere.

Ibigo by'amashuri bizateganya umunsi wihariye wo Kwibuka, gusura inzibutso, no guhabwa ikiganiro mu gihe abanyeshuri bazaba bavuye mu biruhuko.

Umugoroba w'Ikiriyo ubanziriza umunsi wo Kwibuka cyangwa gushyingura imibiri y'abazize Jenoside, usozwa bitarenze saa yine z'ijoro.

MINUBUMWE ikomeza igira iti: "Misa n'amateraniro ntibishyirwa mu gikorwa cyo Kwibuka."

# Kwibuka 31: U Bubiligi ntibuzabuza abibuka kwibuka- Dr Bizimana

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascene, yagarutse ku mijyi imwe yo mu Bubiligi irimo uwa Liege ifitanyije n'ubuyobozi bw'icyo gihugu yatangaje ko itazibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ashimangira ko bitazabuza abashaka kwibuka kubikora bayituyemo.***

Yabikomojeho mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru cyagarukaga ku myiteguro y'ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Dr. Bizimana yibukije ko tariki ya 16 Mutarama Umuryango




**Urwibutso**

w'Abibumbye (Loni) wafashe icyemezo ko itariki ya 7 Mata buri mwaka, ibihugu byose bihuriye muri uwo muryango bigomba kwibuka no kuzirikana Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994.

Ati: "Ni inshingano rero ya buri gihugu, bivuze ko buri gihugu gifite inshingano yo kubahiriza uwo munsi wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ntabwo ari u Rwanda rubishyiraho."

MINUBUMWE yijeje ko u Rwanda ruzakurikirana niba ibyo bikorwa byubahirizwa, aho bidakozwe, ibihugu bizatange ibisobanuro ku mpamvu yabyo.

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko mu igenzura u Rwanda rwakoze rwasanze nta hantu mu bihugu by'amahanga hari ibikorwa bishobora kubangamira ibikorwa byo kwibuka usibye mu Bubiligi.

Ati: "Turimo turabona imijyi mikeya yo mu Bubuligi ivuga ko kwibuka hari aho bitazakorwa, bishyigikiwe na Leta y'u Bubiligi, kuko abazabikora babikora ku giti cyabo, ko Leta kubikirikirikirana itazabikora."

KOMEZA KU RUP.5





# Kwibuka 31: U Bubiligi ntibuzabuza abibuka kwibuka- Dr Bizimana

IBIKURIKIRA URUP.4

Yongeyeho ati: "Ariko ntibabuza abantu kwibuka ni ukubabuza mu buryo bwihishiriye. Kubwira abantu ngo bazibuke ariko ntubahe inzego z'ubutekano birerekana ko harimo ikibazo."

Icyakora yavuze ko amakuru MINUBUMWE ifite ari uko izo nenge zitari mu mijyi y'u Bubiligi hose.

Dr. Bizimana agaragaza ko aho batazibuka ari mu Mujyi wa Liege, Burge, ariko ko mu Murwa Mukuru w'u Bubiligi, Bruxelle bazibuka.

Yavuze ko muri Bruxelle hateganyijwe ibikorwa byo kwibuka birmo n'urugendo rwo kwibuka.

Minisitiri Dr. Bizamana kandi yanagarutse ku gihugu cy'u Bufaransa na ho hagaragaye ibikorwa biganisha ku kubangamira ibikorwa byo kwibuka aho hari hateguwe igitaramo cy'umuhanzi w'Umunyekongo byari byahujwe n'itariki ya 7 Mata.

Hashize iminsi Umuryango w'Abanyarwanda baba mu Bufaransa wamaganye icyo igitaramo cy'umuhanzi Maître Gims w'umunyekongo, cyari cyahawe inyito yo kujijisha ko bagiye gukusanya inkunga igenerwa abana bo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bababaye, nyamara ari inzira yo gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Minisitiri Dr. Bizimana ati: "Bateguye igitaramo cy'indirimbo zabo, kugeza ubu ubuyobozi bwafashe icyemezo cyo kwimura itariki kizaberaho.

Yunzemo ati: "Bakomeje guhanyanyaza bajya mu nkiko kuri ubu, urukiko na rwo rwafashe icyemezo ko gukora igitaramo ku itariki yo kwibuka, bibangamiye icyo cyemezo mpuzamahanga, bitazaba."

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, yatangaje ko u Rwanda nta mpungenge biruteye ko ibyo bikorwa birimo kubera mu mahanga byazabangamira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu mwaka wa 2024, Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Bubiligi bwagaragaje ko bufite amadosiye 49 y'abakekwaho ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi nyuma y'imyaka 30 yari ishize ihagaritswe.

# Kwibuka 31: 'Amahanga afitiye inzigo RPF Inkotanyi yahagaritse Jenoside'

NTAWITONDA Jean Claude

***Imyaka 31 irashize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe, ariko ingengabitekerezo yayisasiye iracyazenguruka mu bihugu byo mu Karere n'ahandi, ndetse bisa nk'aho abayimakaje muri iyo myaka abenshi amahanga abashyigikiye, mu gihe ari icyaha gihanwa n'amategeko mpuzamahanga.***

Ku rundi ruhande, Umuryango FPR Inkotanyi watangijwe n'abayoboye urugamba rwo guhagarika iyo Jenoside no kubaka Igihugu kizira amacakubiri mu myaka 31 ishize, basa n'abakuruye inzigo ihoraho mu Muryango Mpuzamahanga.

Mu Nama Mpuzamahanga ku Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabereye i Nairobi muri Kenya, impuguke, abanditsi n'abashakashatsi mu bya Politiki zongeye kugaruka ku muzi w'irandaranda ry'ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karerere u Rwanda ruherereyemo.

Iyo nama mpuzamahanga yabaye kuri uyu wa Kabiri tariki ya 1 Mata 2025, yitabiriwe n'abasaga 500 barimo abadipolomate, abanyeshuri, umuryango w'Abanyarwanda baba muri Kenya n'inshuri z'u Rwanda.

Abatanze ibiganiro ni impuguke mu bushakashatsi, amategeko, Politiki n'amateka nka Prof Patrick Loch Otieno (PLO) Lumumba ukomoka muri Kenya, umushakashatsi mu bya Politiki Lonzen Rugira, umwanditsi ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 Dimitrie Sisi n'abandi.

Lonzen Rugira yagaragaje uburyo Umuryango Mpuzamahanga wagize ubufatanyacyaha bukomeye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'uburyo ukomeje kugira uruhare rukomeye mu kwimakaza ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere.

Yavuze ko itutumba ry'ingengabitekerezo ya Jenoside ari umusaruro utaziguye w'ubuhezanguni bw'Umuryango Mpuzamahanga bwatumye Jenoside yakorewe Abatutsi iba mu gihe yashoboraga gukumirwa.

Ati: "Abarokotse ntibatereranywe ngo bicwe gusa, ahubwo ubwo barokokaga mu byasaga nk'ibidashoboka ndetse bakabura abo bakundaga, imfashanyo n'ubutabazi mpuzamahanga byakusanywaga si bo byahawe ahubwo byoherezwaga mu nkambi z'impunzi muri Zaire ahacungwaga n'abakoze Jenoside bahawe n'urwaho rwo kongera kwisuganya ngo bagaruke mu Rwanda basoze akazi ko gutsemba [Abatutsi]."



**Ambasaderi w'u Rwanda muri Kenya Martin Ngoga, yavuze ko iyo nama itateguriwe guhuza impuguke n'abaturage gusa**

Yakomeje agaragaza ko RPF Inkotanyi yahagobotse igahagarika Jenoside, yongera kurundarunda Igihugu cyari cyabaye umusaka, ndetse ihera aho inacyubaka mu gihe amahanga yatekerezaga ko byarangiye.

Ati: "Kuva ubwo RPF Inkotanyi yibasiwe n'abo mu Burengerazuba bw'Isi, ndetse bisa nk'aho batazigera bayibabarira ku bwo kwigira umucunguzi kandi ari umwanya wabahariwe gusa, noneho bakongeraho no kuyobora urugendo rwo kubakira Igihugu mu kwisubiramo aho gutegereza ibyo bagenerwa n'ayo mahanga."

Ambasaderi w'u Rwanda muri Kenya Martin Ngoga, yavuze ko iyo nama itateguriwe guhuza impuguke n'abaturage gusa, ahubwo ari ukuzuza inshingano z'ubumuntu no guhamagarira amahanga kuzirikana no kubahiriza inshingano zo kwibuka, kwigira ku hahise no gufata inshingano.

Yongeyeho ko amateka y'u Rwanda ari mpuzamahanga, bityo hakwiye kubaho igihe cyo kwibaza ku bugwari bwatumye icyo cyaha kiruta ibindi kibabo, hakabaho guhangana n'ibyago bya Jenoside bigikomanga hamwe na hamwe ndetse no kubaka ubushobozi bwo gukumira ubwicanyi bushobora kubaho bushingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose.

Nanone kandi, yavuze ko abakoze Jenoside bakwiye kubiryozwa cyane cyane ababonye ijuru rito mu bibugu by'amahanga, aho basa n'abacitse ubutabwra mu gihe hari ibimenyetso bifatika bibari ku mutwe.

Yavuze ko gutanga ubutabera ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 atari ikibazo cy'u Rwanda, ahubwo ari inshingano mpuzamahanga zigamije guharanira ko ibyabaye mu myaka 31 nta handi byazongera kuba ku Isi.

# Kwibuka 31: RDC yanywanye na FDLR yadukiriye gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi

**NTAWITONDA Jean Claude**

*Mu gihe habura icyumweru ngo u Rwanda n'Isi yose bibuke ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yahinduye uburyo bwo gupfobya no gusiga icyuhagiro ubwicanyi bukomeje gukorerwa Abanyekongo b'Abatutsi.*



Perezida Tshisekedi yatumije inama yo guha umugisha icyiswe Genocost yageretse ku Rwanda

Mu buryo bushya bwo guhisha ingengabitekerezo ya Jenoside n'ubwicanyi bukorerwa Abanyekongo b'Abatutsi, n'akarengane kamaze imyaka ikabakaba 30 ishize, Guverinoma ya Congo ikomeje gushyira imbere igihuha cya Jenoside (Genocost) yita ko yakozwe n'u Rwanda muri icyo gihugu.

Perezida wa RDC Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, yatangaje ko iyo Genocost yatwaye ubuzima bw'abaturage basaga miliyoni 10 mu myaka isaga 20 ishize, avuga ko bishwe n'u Rwanda ndetse n'inyeshyamba za M23 mu Burasirazuba bwa RDC.

Ku wa Mbere tariki ya 31 Werurwe ni bwo Perezida Tshisekedi yatangarije i Kinshasa ko Genocost yatangijwe n'urubyiruko rw'Abahezanguni b'Abanyekongo kuri ubu yemewe na Guverinoma nka Jenoside yakorewe Abanyekongo.

Umuvugizi w'Ibiro bya Perezida Stephanie Nyombayire, yatunguwe n'uko iryo pfobya rya Jenoside rikozwe na Guverinoma ya RDC mu gihe u Rwanda n'Isi yose babura icyumweru ngo bifatanye ku Munsi Mpuzamahanga waharíwe kuzirikana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Icyumweru kimwe gusa kibura ngo ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ingirwabayobozi muri RDC bashyize umucyo ku byo dusanzwe tubaziho ko ihakana rya Jenoside ryamunze Politiki ya RDC."

Yakomeje avuga ko nyuma y'imyaka irenga 30 icyo gihugu cyatsinzwe aho giha urwaho imitwe yitwaje intwaro kubera ko abayobozi bahugiye mu gusahura imitungo y'Igihugu bakajya kugura imiturirwa mu Bubiligi, igihugu cyongeye guhimba ibikangisho bishya ku Rwanda.

Ati: "RDC yavuye ku gukangisha ko nihagira ikiba gito azatera u Rwanda (a la moinder escarmouche), amanuka hasi kurushaho ahimba Jenoside mu gusiga icyuhagiro ukunanirwa kwabo. Igihugu cyinjije mu ngabo Abajenosideri ba nyabo ba FDLR cyatangiye gutumiza inama za Jenoside. Ni mu gihe gikomeje kwima abaturage bacyo uburenganzira, kibakubita, kibica no kubatwikira mu mihanda ya Kinshasa bahorwa uko basa gusa."

Yakomeje avuga ko ubwo buryo bukoreshejwe na Guverinoma ya Kinshasa mu kurushaho kwihunza inshingano zo gukemura ibibazo byabaye akarande, bahindura abicwa abanyabyaha, no kuyobya uburari ku murimo ukenewe wo gushaka igisubizo kirambye cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC.

Yakomeje agira ati: "Ubu ni ubundi buryo RDC itangije bwo kwihunza inshingano, guhindura abahigwa abanyabyaha, no kuyobya uburari ku murimo wa nyawo wo gushaka igisubizo kirambye. Kutagira isoni ntibigira umupaka koko…"

Impuguke mu bya Politiki, gukumira no kurwanya Jenoside, bahamya ko Perezida Tsisekedi na Guverinoma ye batangiye uburyo bushya bwo guhakana Jenoside no kuyipfobya bahindukiza ibikorwa bakora bakabigereka ku bandi, ari na byo byagiye bikoreshwa mu mateka y'abakoze Jenoside ku Isi.

Kugereka ku Rwanda ubwicanyi bukorerwa Abanyekongo babibona nk'umugambi wagutse wo kugerageza kwihunza inshingano zo gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC bihishe inyungu z'amahanga na bamwe mu bayobozi b'icyo gihugu.

Umuvugizi wa Guverinoma Yolande Makolo, yavuze ko abapfuye muri RDC n'abakomeje gupfa biterwa n'abayobozi b'icyo gihugu. Ati: "Abo bayobozi ni bo ntandaro kandi ntibakwiye kuba bashakisha inzitwazo cyangwa ngo ibibazo babishakire ahandi. Ni bo kibazo. Impinduka yose cyangwa igisubizo ni na bo kizavamo."

Akomeza ahamya ko abapfuye, abakurwa mu byabo n'impunzi zibarirwa mu mamiliyoni, bakwiye gushyirwa ku mutwe w'abayobozi ba Congo kugeza n'uyu munsi bataragaragaza ubushake na buke bwo gukemura ikibazo ahubwo bagakomeza amakinamico ku bwinshi."

Abakurikirana ibya Politiki yo mu Karere bakomeje gutungurwa n'uburyo Tshisekedi akomeje guhishira ukuri akigaragaza nk'intwari y'ubutabera mu gihe mu mvugo zabo badahwema gushyira imbere imvugo z'urwango ku baturage babo, imigambi yo gushoza intambara no kwinangira ku birebana no gushaka igisubizo kirambye.

Basanga kandi imvugo za Tshisekedi no gutegura ibikorwa byo gupfobya bifitanye isano no kuba yariyemeje gukorana bya hafi n'umutwe wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahitanye abasaga miliyoni mu gihe cy'iminsi 100 gusa.

Raporo zagiye zitangazwa mu bihe bitandukanye zigaragaza ko abo bajenosideri bahawe imyaya ikomeye mu gisirikare ndetse no muri Politiki, ari na bo bahembereye urwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside biganisha ku kuba Jenoside yakorewe Abatutsi mu myaka 31 ishize ishobora kongera gukorwa n'abananiwe kuyisoza mu Rwanda babonye ijuru rito muri RDC.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Gukumira Jenoside nawe birakureba*

Gukumira Jenoside ni inshingano rusange, nk'uko byashimangiwe na Ban Ki-moon wabaye Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 2012.

Uburemere bw'ubwo butumwa buracyafite igisobanuro gikomeye n'uyu munsi u Rwanda rwifatanyije n'Isi kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu gihe Akarere k'Ibiyaga Bigari kibasiwe n'ingengabitekerezo ya Jenoside isa neza n'iyahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa.

Nk'uko byagenze mu myaka 31 ishize, bamwe mu baturage bakomeje gutotezwa no kwicwa bahowe uko bavutse mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Amahanga akomeje kurebera ndetse hari n'arimo gushyira imbaraga mu gushyigikira ubuyobozi bwimakaje amacakubiri yimwe amayira mu Rwanda yagizeho ingaruka zirenze ukwemera.

Ku rundi ruhande, abayobozi n'abaturage benshi mu Karere u Rwanda ruherereyemo basa nk'aho ntacyo bigiye kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko ivangura n'amacakubiri byenyegezwaga n'ubuyobozi bubi ari byo bikomeje kwenyegezwa n'uyu munsi.

Mu gihe ibikomere bikiri bibisi ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, ibikorwa by'indi nka yo byigaragaza mu gihugu cy'abaturanyi n'imyitwarire y'amahanga iracyari ya yindi.

Buri wese yakabaye abona ko aho byerekeza atari byiza, agatanga umusanzu mu kubyamagana kuko ingaruka zayo zitazagarukira aho yakorewe gusa ahubwo zikwira mu Karere kose.

Urwo rugamba rurenze kuruharira abanyapolitiki, ahubwo buri wese mu Karere akamenya ko bimugiraho ingaruka mu buryo bumwe cyangwa ubundi, kandi ko mu gihe nta gikozwe icyo kibazo cyakomeza kuko gitanga icyuho ku mahanga yishakira inyungu zijyanye n'ubukungu.

Ntidukwiye kwibwira ko hari abantu bihariye bagomba guhangana n'icyago cya Jenoside cyisubira mu Karere, ni inshingano ya buri wese ku Isi kuzirikana ko kurebera ibikorwa bitanga icyuho cyo kuba nk'icyorezo mpuzamahanga.

Reka dukomeze gufatanya mu guharanira ahazaza hazira Jenoside, tureke kumva ko ari urugamba rw'abayobozi gusa mu gihe njye na we twatiza umurindi abahitamo konyegeza ikibi.

Mu bushobozi bwanjye na we mu kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, harimo kwamagana imvugo z'urwango, kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, kwirinda amacakubiri y'uburyo bwose, kwamagana abagerageza kubiba urwango n'amacakubiri, bikajyana no gutera ingabo mu bitugu abarokotse Jenoside.

Mu gihe Abanyarwanda bifatanya n'Isi kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, buri wese yumve ko gukumira no kurwanya Jenoside ari inshingano adakwiye kubwirizwa kuko ubugwari bukomeye cyane bwaba ukuyiraga ibisekuru by'ahazaza.

# Huye: Imibiri 258 y'abazize Jenoside imaze kuboneka mu masambu y'abakekwaho kubica

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuryango Ibuka watangaje ko imibiri 258 y'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, imaze kuboneka masambu y'abakurikiranyweho uruhare cyangwa abo mu miryango yabo, mu Murenge wa Ngoma mu Karere ka Huye, Intara y'Amajyepfo.***



Aha hashakishwaga imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Theodate Siboyintore, Umuyobozi wa Ibuka mu Karere ka Huye, yabwiye itangazamakuru ko igikorwa cyo gukura imibiri mu byobo cyatangiye mu byumweru bibiri bishize mu Kagari ka Matyazo, Umudugudu wa Kamucuzi, aho imibiri ine yabonetse mu bwiherero.

Ibikorwa byo gushakisha iyo mibiri bikomeje gukorerwa mu isambu ya Sarah Kimandwa, aho imibiri irenga 170 yabonetse ahantu hatandukanye, harimo no mu rugo rw'umuryango we no mu bice by'aho bubatse ubwiherero.

Ubuhamya bwatanzwe, buvuga ko abuzukuru ba Kimandwa bari mu Nterahamwe kandi bagize uruhare mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi muri ako gace, aho bajugunyaga imibiri y'inzirakarengane muri iyo sambu.

Ngo nyuma, ubwo butaka bwa Kimandwa bwagurishijwe undi muturage mu mwaka wa 2000.

Andi makuru yatanzwe kandi yatumye hakomza gushakishwa imibiri iza kuboneka mu Mudugudu wa Rurenda, mu isambu y'uwitwa Kanamugire Callixte, bita Super, aho hatahuwe imibiri myinshi.

Kanamugire ni umwe mu bahamijwe n'Inkiko Gacaca icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse yaciriwe urubanza adahari.

Mu gihe cya Jenoside, bivugwa ko Kanamugire yari yarabitse imihoro mu rugo rwe, ikaza gukwirakwizwa mu Nterahamwe kugira ngo bayikoreshe mu kwica Abatutsi bari bahungiye muri Paruwasi Gatolika ya Ngoma ndetse n'abari bahunze urufaya rw'amasasu hafi y'Ikigo Nderabuzima cya Matyazo.

Mu mwaka wa 2024, imibiri y'abazize Jenoside irenga 2 000 ni yo yari yabonetse yarubakiweho inzu, indi iboneka mu murima mu Murenge wa Ngoma.

Iyo mibiri yashyinguwe mu cyubahiro muri Mata umwaka ushize, mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Siboyintore ati: "Ibikorwa byo gushaka imibiri y'abazize Jenoside birakomeje.

Turateganya kuzabayishyingura mu cyubahiro mu rwibutso rwa Jenoside rwa Ngoma, mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Yongeyeho ati: "Umwaka ushize twabonye imibiri myinshi ku butaka bw'uwitwa Hishamunda, bituma abantu batangira gutanga amakuru ajyanye n'ahandi hashobora kuba hari imibiri. Ariko mbere yo gutangira gushakisha, twabanje gusesengura ayo makuru kugira ngo tubone ibimenyetso bifatika".

Ukurikije ubuhamya bwatanzwe, ako gace kari gatuwe n'abahoze mu Ngabo z'u Rwanda za kera (FAR), babiri muri bo bivugwa ko bakoze ibyaha bya Jenoside, harimo umuhungu wa Hishamunda, ubu ufungiye mu Igororero rya Huye, akaba yariyemereye ibyaha bya Jenoside.

Icyakora nubwo yemeye ibyo byaha, ntiyigeze atanga amakuru ku bijyanye n'aho imibiri y'inzirakarengane yishe zashyinguwe, aho bajugunywe mu byobo mu rugo rwe.

Mu mwaka wa 2023, abantu barindwi bafunzwe bashinjwa guhisha amakuru yerekeye aho imibiri y'abazize Jenoside yashyinguwe.

Siboyintore ati: "Ibi byatumye hakomeza gushyirwaho ingamba zo gukomeza gushakisha amakuru ku hantu imibiri y'abazize Jenoside itaraboneka ndetse itarabasha gushyingurwa mu cyubahiro.

Uwo ari we wese ufite ayo makuru arashishikarizwa kuyaduha kugira ngo dukomeze gushakisha".

Ibuka ivuga ko kugeza ubu, Marie Providence Ntirushwamaboko, umugore wa Callixte Kanamugire, yafashwe akurikiranyweho guhisha amakuru ajyanye n'imibiri yabonetse hafi y'urugo rwabo.

Kanamugire yaciriwe imanza mu nkiko enye za Gacaca, harimo rumwe i Matyazo rwamuhamije ibyaha bya Jenoside agahabwa igihano cy'igifungo cya burundu.

Urundi rukiko rwa Gacaca i Gishamvu rwamukataye imyaka 19, mu gihe izindi zo muri Ngoma na Butare zamukatiye imyaka 15.

Bikekwa ko uyu mugabo Kanamugire yihishe mu bihugu bya Kenya cyangwa Uganda.

# MINUBUMWE yanyomoje Perezida Tshisekedi uvuga ko abagize FDLR bashaje

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) Dr Bizimana Jean Damascene yanyomoje abarimo Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Felix Antoine Tshisekedi ukunze gutangaza ko abari mu mutwe witwaje intwaro wa FDLR bashaje kandi batashobora guteza umutekano muke.***

Byagarutsweho ku wa Kane tariki ya 3 Werurwe 2025, mu kiganiro MINUBUMWE yagiranye n'itangazamakuru cyari kigamije kwitegura ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Dr Bizimana yagarutse kuri Brigadier Général Gakwerere uzwi ku yandi mazina atandukanye, wari umwe mu bakuru ba FDLR wafatiwe i Goma n'umutwe wa M23 mu minsi ishize agahabwa u Rwanda aboneraho kunyomoza Perezida Tshisekedi n'abazungu bavuga ko abagize umutwe wa FDLR bashaje.

Ati: "Mwabonye Gakwerere aza […] buriya uriya umuntu arashaje? Mu bateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside bari bafite imyaka iri hagati ya 28 kugeza kuri 40. Bivuze ko abari bafite 25, 28 na 30, ubu bafite 60. Ntabwo umuntu ufite munsi y'imyaka 60 ashaje.

Yavuze ko abo bari bakuze bari mu nzego z'ubuyobozi bwakoze Jenoside bahunganye n'abato ubu bakaba bakomeje no kwinjiza urubyiruko muri uwo mutwe ari na ko ukomeje kubacengezamo amatwara y'ingengabitekerezo.

Yagarutse ku bibazo FDLR ikomeje guteza u Rwanda harimo ibitero bitandukanye yarugabyeho mu bihe bitandukanye, mu bice birimo Kinigi mu Karere ka Musanze, muri Nyaruguru n'ahandi.

Ati: "Ntabwo biriya bikorwa n'abasaza cyangwa abakecuru."

MINUBUMWE ivuga ko kuba ubutegetsi bwa Leta ya RDC bukomeje gushyigikira ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje gukwirakwira mu Karere bigira ingaruka ku Rwanda ariko ko ruzakomeza guhangana na zo.

Ati: "Twebwe icyo dukora ni ukugaragaza ayo makuru, Tuzakomeza gusobanurira abantu, kuko ikibazo cya Congo icyo twifuza ni uko gikemuka, Congo na yo ikabaho neza, ntiduhore kandi twikorezwa ibibazo by'ibihugu byananiwe gukemura mu miyoborere yabyo."

Mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi Umuryango mpuzamahanga wahawe umwihariko.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu yabwiye itangazamakuru ko mu bikorwa biteganyijwe harimo kwereka Umuryango Mpuzamahanga ko wananiwe kwigira ku mateka ngo ukumire ingengabitekerezo ya Jenoside no kurandura umutwe wa FDLR.

Ati: "Hari inama Mpuzamahanga izaba tariki ya 6 Mata izagaruka kuri iyo ngingo, bazagaruka ku ruhare rw'Umuryango Mpuzamahanga, ntabwo bazaguruka ku rwa vuba gusa, bazagaruka no ku rwa kera."

Yongeyeho ati: "Jenoside yatewe n'ubukoloni bwatanyije Abanyarwanda na bo bakomeza uwo murongo, ni ngombwa ko ayo mateka abaturage bayamenya".

Tariki ya 11 Mata buri mwaka, u Rwanda n'Isi bazirikana uko ingabo z'umuryango z'Umuryango w'Abibumbye zatereranye Abanyarwanda bakicwa kandi zarababeshyaga ko zaje kubarinda.

Ibikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bizatangizwa tariki ya 7 Mata 2025 bikazamara iminsi 100, hazirikanwa inzirikarengane zisaga miliyoni zishwe



Minisitiri wa MINUBUMWE Dr Bizimana Jean Damascene yashimangiye ko abari muri FDLR badashaje



Dr Darius Gishoma umuyobozi w'Ishami rishinzwe indwara zo mu mutwe muri RBC

## Kwibuka31: Ibikomere bya Jenoside biracyahari- RBC

Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima RBC, cyatangaje ko mu mwaka ushize mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; abantu 2,016 bagize ibibazo by'ihungabana aho 1,786 bangana na 89% muri bo bari ab'igitsina gore naho 230 bangana na 11% bari ab'igotsina gabo.

Mu kiganiro n'itangazamakuru kuri uyu wa Gatanu tariki ya 4 Mata 2025, RBC yagaragaje ko mu cyumweru cy'icyunamo gitangira tariki ya 07 Mata buri mwaka, hari abagira ihungabana bagana serivise z'ubuzima, ariko umubare ugenda ugabanyuka uko imyaka ishira.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Indwara zo mu Mutwe Dr. Darius Gishoma, agaragaza ko ihungabana ryiganje mu barokotse Jenoside n'ababakomokaho; by'umwihariko igitsina gore kikaba kibasiwe ku kigero cya 89% aho abagabo ari 11%.

Agaragaza ko ihungabana rigihari ariko abantu bakwiye gufasha abo ryagaragayeho bakabafasha gukira ibikomere no kubaka ubudaheranwa.

Yagize ati: "Turacyabona abafite ibimenyetso, turacyafite abafite ibikomere bituruka ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi dukwiye kugira ibikorwa bidufasha kubaka ubudaheranwa; kuba umuntu yagabanya ibyongera ibikomere no kugabanya ibimusubiza inyuma tukongera ibimukiza ntaheranwe n'agahinda."

Dr. Gishoma yavuze ko buri kwezi abantu bari hagati ya 500-700 bajya kwivuza kubera ibibazo by'ihungabana ariko abenshi ari abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagaragaje icyiciro gikunze kugaragaraho ihungabana.

Ati: "Abajya kwa muganga hagati ya Mata na Gicurasi umubare munini ari abafite hejuru y'imyaka 30 kugeza kuri 65 bafite ibyo bazi kuri Jenoside, ariko n'abakiri bato barivuza nubwo umubare ukiri muto."

RBC igaragaza ko bubatse ubushobozi bahugura abantu mu nzego zose haherewe ku bajyanama b'ubuzima, abafashamyumvire n'urubyiruko kugira ngo batange ubufasha bw'ibanze ku bagize ihungabana.

Yongeyeho ko no ku bigo nderabuzima n'ibitaro hari serivisi zifasha abagize ibibazo by'ihungabana bityo ko uwagira ikibazo wese atagomba guheranwa n'agahinda cyangwa uburwayi ahubwo akwiye kugana abaganga.

Imibare igaragaza ko hagati y'umwaka wa 2010 na 2014 abagize ibibazo by'ihungabana bari hagati ya 3 000-4 000, mu mwaka wa 2015 na 2020 uragabanyuka ugera hagati ya 2 000- 3 000 mu gihe mu 2021-2024 wamanutse ukagera ku bantu 2,016.









ROYAL EXPRESS

Abagize Inama y'Ubuyobozi n'Abakozi ba Royal Express Ltd, itwara abagenzi mu buryo bwa rusange, bifatanyije n'Abanyarwanda n'Isi muri rusange mu kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Tuboneyeho no kwamagana abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi n'abahembera ingengabitekerezo ya Jenoside aho bari hose ku Isi.

E-mail: royalexpress2016@hotmail.com
Tel Office: 0783357047
Address: Kicukiro-Nyanza

Kwibuka Twiyubaka.

# Sena yabeshyuje abafata u Rwanda na RDC nk'u Burusiya na Ukraine



Abasenateri bavuguruje ibihugu by'i Burayi bigoreka ukuri ku kibazo cy'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC

**ZIGAMA Theoneste**

***Sena y'u Rwanda yabeshyuje amahanga by'umwihariko ibihugu by'u Burayi bishinja u Rwanda kuba mu ntambara muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), bakarugereranya n'uko u Burusiya buri mu ntambara mu gihugu cya Ukraine bushaka kwigarurira ibice byayo.***

Iyo myumvire yagaragajwe muri raporo y'ubutumwa bw'akazi, Abasenateri bagize Komisiyo ya Politiki y'Imiyoborere bagiriye mu bihugu bya Norway, Suwedi, Finland na Denmark kuva tariki ya 10 kugeza tariki ya 15 Werurwe 2025, ikaba yashyirikirijwe Inteko Rusange ya Sena y'u Rwanda kuri uyu wa Gatanu tariki ya 4 Mata 2025.

Ni ubutumwa bwari bugamije gutsura umubano mwiza w'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'izo muri ibyo bihugu byo mu majyaruguru y'u Burayi no kuganira ku bibazo byo mu rwego rwa politiki cyane cyane, ikibazo cy'umutekano muke uri mu Burasirazuba bwa RDC.

Perezida w'iyo Komisiyo, Senateri Dr Kaitesi Usta, wari uyoboye itsinda ry'Abasenateri basuye ibyo bihugu, yabwiye Inteko rusange ya Sena ko muri urwo ruzinduko bahuye n'abagize Inteko Ishinga Amategeko n'abandi bari muri za Minisiteri z'Ububanyi n'Amahanga.

Mu byo baganiriye ngo hari aho basanze bafite imyumvire ko u Rwanda rwaba rufite uruhare mu ntambara ihuje ingabo za Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'abazifasha barimo umutwe w'iterabwoba wa FDLR aho bahanganye na M23 irwanira uburenganzira bwa benewabo mu Burasirazuba, bakarugereranya n'u Burusiya mu ntambara ya Ukraine.

Yagize ati: "Muri biriya bihugu bamwe bafashe ikibazo baragicurika. Wumvaga bavuga ko u Rwanda noneho rwabaye nk'u Burusiya. Congo iba Ukraine, bityo u Rwanda rurashaka gufata ibice bya Congo rukabyiyomekaho, nk'uko inkuru y'u Burusiya ivugwa hariya mu Burayi."

Yunzemo ati: "Wari umwanya mwiza wo kubasobanurira [...] hari ibibazo bya Congo ifite mu gihugu cyayo. Ibibazo biri aho Umunyekongo udatuye muri za Kivu atungwa n'Amadolari ari munsi y'abiri ku munsi."

Yakomeje avuga ko bagaragaje ko muri RDC hari ibibazo byo guhohotera abaturage by'umwihariko abo mu bwoko bw'Abatutsi, bikorwa na Leta ifatanyije n'umutwe w'Abajenoside wa FDLR ariko amahanga agakomeza kubirebera.

Yagize ati: "Hashize imyaka myinshi cyane u Rwanda rugaragaza ikibazo cya FDLR ariko ntifatirwe umwanzuro ukwiye. Kubifata bigacurikwa, u Rwanda rukaba u Burusiya bukomeye cyane, bugiye gutsinda igihugu gikomeye nka Congo, ugasanga ari yo mivugire bahisemo".

Yakomeje ati: "Ibibazo byo mu Burusiya na Ukraine bifite isura yabyo bikwiye gusobanurwa uko biteye. Ibibazo byo mu Karere bikwiye kubonerwa umuti abantu bagaragaje ikibazo nyirizina uko giteye."

Yunzume ati: "Wasangaga hari umurongo bafashe bavuga bati, u Rwanda niba ruri muri Congo rugomba gufatirwa ibihano. Tukababwira tuti, kubera iki hari amategeko mpuzamahanga yirengagizwa, abacancuro bagaragaye muri RDC kuki ntawe ubagarukaho."

Yavuze ko bagaragarije ibyo bihugu ko u Rwanda nta ruhare rufite mu bibazo by'umutekano bya RDC kandi ko rwashyizeho ingamba z'ubwirinzi mu rwego rwo kwirindira umutekano.

Senateri Dr. Kaitesi yagaragaje ko babwiye abahagariye ibyo bihugu ko Umutwe wa FDLR umaze kugaba ibitero ku Rwanda inshuro zirenga 20, ndetse ko ibitero by'ingabo za Congo n'abazifasha bagabye ku Rwanda nyuma y'aho umutwe M23 ufashe Goma byahitanye abaturage 16 bikanangiza imitungo myinshi.

Avuga ko babasobanuriye ko u Rwanda rufite uburenganzira bwo kwirindira umutekano kandi ko na RDC ikwiye kubazwa ibyo ikora, birimo no kuba yaratwitse Ambasade y'u Rwanda.

Dr. Kaitesi yumvikanishije ko hari ibihugu byasabye ko hakomeza gahunda yo kuganiriza RDC ikemera icyemezo cyafashwe ku rwego rwa Afurika ko ikwiye kwemera kuganira n'umutwe wa M23 ibibazo bafitanye bikakemuka mu mahoro.

**U Bubiligi bukomeje guharabika u Rwanda mu bihugu by'u Burayi**

Abasenateri bagaragaje u Bubiligi nk'igihugu gikomeje guharabika u Rwanda cyigoreka ukuri ku cyibazo cya Congo aho usanga hari bamwe bafite imyumvire yo kurusabira ibihano.

Dr. Usta Kaitesi ati: "Hari benshi bigiza nkana, bavuga ko ari Abanyaburayi, ngo umurongo wacu ku Rwanda turawuhamaho nta kundi twabigenza."

Yongeyeho ati: "Ibihugu bimwe twasanze u Bubiligi bwarabigezeho, bwarabihaye umurongo wabwo, mukaganira ukumva aravuga ngo birumvikana ariko dufite uruhande nk'urw'Abanyaburayi".

**Hari ibinyamakuru byo mu Burayi byiyemeje kumenyanya amakuru y'ukuri ku Rwanda**

Senateri Rugira Amandin na we wari mu itsinda ryasuye biriya bihugu, yavuze ko muri Finland hari gahunda y'uko ikinyamakuru gikurikirwa cyane cyihakorera, giteganya kuzagira ibiganiro n'umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, kandi cyiteguye kwakira inkuru zivuga amakuru y'ukuri ku Rwanda kikajya kiyatangaza.

Sena y'u Rwanda yemeje ko igiye gukomeza gushyira imbaraga mu mibanire y'Inteko Ishingana Amategeko y'u Rwanda n'iz'ibindi bihugu hagamijwe kugaragaza amakuru y'ukuri ku Rwanda.





# Perezida Kagame yasabye Isi gukoresha AI igabanya ubusumbane

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yavuze ko mu gihe ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (AI) rikomeje kuyobora uguhanga udushya, bibabaje kuba ryitsindagiye mu bihugu bike.***

Mu Nama Mpuzamahanga yiga ku hazaza ha AI muri Afurika ihurije i Kigali abasaga 1700, Perezida Kagame yavuze ko inyungu za AI zigaragara mu nzego zose.

Yavuze ko AI ifasha mu kongera umusaruro, gufata ibyemezo bishingiye ku makuru afatika, no kugabanya amakosa ya muntu mu bikorwa binyuranye.

Ati: "Gusa birababaje ko iterambere ry'iryo koranabuhanga rishya rikomeje kubangamirwa n'ihangana rishingiye kuri Politiki. Kuri ubu, iterambere ry'ikoranabuhanga ryitsindagiye mu bihugu bikeya. Afurika ntishobora kwihanganira kongera gusigazwa inyuma, igerageza kwiruka inyuma y'abandi."

Yavuze ko Afurika igomba kujyana n'abandi igatsura umubano na bo ndetse igahatana n'indi migabane.




Perezida Paul Kagame yavuze ko ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (AI) ryakoreshwa hagabanywa ubusumbane

Ati: "Ni yo mpamvu turi hano. Muri urwo rwego ndashaka gushimira Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), Smart Africa n'Ikigo Mpuzamahanga cy'Itumanaho (ITU), kuba barayoboye Inama Nyafurika iteza imbere AI."

Yahamije kandi ko amahirwe yo guhanga ibishya ari magari ku Mugabane wa Afurika, bityo AI ari yo ishobora gutubura ayo mahirwe.

**Inzego eshatu zikwiye gushyirwa imbere, mu ishoramari**

Perezida Kagame yavuze ko hari ibintu bitatu bikwiriye kwitabwaho mu kubyaza umusaruro AI muri Afurika.

Urwego rwa mbere, yavuze ko ari ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga kuko hatariho ihuzanzira rya internet inyaruka n'umuriro ugera kuri bose AI idashobora gukoreshwa.

Yavuze ko urwego rwa kabiri ari ukubaka ubushobozi bw'abakozi kugira ngo bagire ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo.

Ati: "Icy'ingenzi ni uko Afurika yagira abahanga bayo mu kubika amakuru y'ikoranabuhanga, abenjenyeri, n'impuguke mu gucunga umutekano mu by'ikoranabuhanga. Mu by'ukuri Afurika irabafite."

Kuri iyo ngingo, Perezida Kagame yahamije ko u Rwanda rwashyizeho ibigo by'icyitegererezo bitandukanye biha urubyiruko ubumenyi bwo gukora iyo mirimo.

Urwego rwa gatatu yagarutseho ni urwo kwihutisha ukwihuza kw'Afurika kuko ari byo bizagira uruhare rukomeye mu guhuza gahunda y'imiyoborere ishingiye kuri AI no kwihutisha ikusanywa ry'ubushobozi bukenewe.

Yakomeje agira ati: "Iyo uvuganye na ba rwiyemezamirimo, kimwe mu byo bazakubwira ni uburyo bibakomerera guteza imbere ibicuruzwa byabo no guhanga ibishya. Ukwigaba ibice kw'Afurika ni imwe mu mpamvu zibitera."

Hagati aho, Perezida Kagame yanakomoje ku byago bishobora gukururwa na AI mu gihe yaba ikoreshejwe mu buryo budakwiriye, nk'ibirebana n'umutekano n'ubuzima bwite bwa muntu.

Yasobanuye ko AI ibereyeho gukoreshwa nk'imbaraga z'iciyiza kandi ko kugira ngo ibyo bishoboke hakwiye kubaho ubufatanye mpuzamahanga.

Ati: "Ntekereza ko dufatanyije n'ibyo twavugaga bya Politiki, dipolomasi na Politiki, dushobora gukoresha AI mu nyungu zacu bityo ntidutume ahubwo AI ari yo iyobora Politiki, dipolomasi n'abaturage."

Ahamya ko bishobora kuba bibi cyane igihe AI yaba yinjije mu guharanira inyungu za Politiki, asaba abatuye Isi gukomeza gufatanya mu kurwanya ubusumbane bifashishije ingufu za AI, mu korohereza rubanda kuryoherwa n'inyungu za AI.

Inama ya Global AI Summit on Africa, yateguwe n'Ikigo cy'Impinduramatwara ya kane mu by'Inganda, C4IR [Centre for the Fourth Industrial Revolution] ku bufatanye na Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo n'Ihuriro Mpuzamahanga ry'Ubukungu, World Economic Forum.

# Rwamagana hafunguwe uruganda rukora inshinge

**NYIRANEZA Judith**

***Mu Murenge wa Mwulire mu Karere ka Rwamagana hafunguwe uruganda rw'inshinge rwa TKMD Rwanda Ltd zikoreshwa kwa muganga.***

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Sabin Nsanzimana, yafunguye ku mugaragaro urwo ruganda, rukora inshinge zikoreshwa kwa muganga (syringes), ruherereye mu Cyanya cy'Inganda cy'Akarere Ka Rwamagana, mu Murenge wa Mwulire.

Ni igikorwa cyatashywe ku wa Kabiri tariki ya 1 Mata 2025.

Dr Nsanzimana yagize ati:



Hafunguwe uruganda rukora inshinge zo kwa muganga

"Ikibazo cyo gutegereza inshinge nticyari umwihariko wacu u Rwanda twenyine, ni ikibazo rusange cy'umugabane wacu, kuko zavaga hanze kandi aho bazikora na bo nta bushobozi bwo guhaza isoko ryose rizikeneye, ubu rero ibyo bibazo byose byakemutse, uru ruganda ruje kuba igisubizo ku Rwanda ndetse no ku Mugabane w'Afurika muri rusange."

Uru ruganda ruherereye mu cyanya cy'inganda cya Rwamagana gifite inganda 18 zikora neza.

Uruganda rwa TKMD Rwanda Ltd rufite ubushobozi bwo gukora inshinge ziri hagati y'ibihumbi maganatandatu na miliyoni 1 ku munsi umwe, rukaba rumaze gutanga akazi ku bakozi 110 aho 80% ari abagore, inshinge bakora zikaba zifite isoko mu Rwanda no mu bindi bihugu byo muri Afurika n'ahandi.

Minisitiri w'Ubuzima, Dr Sabin Nsanzimana, yashimangiye ko uru ruganda ruzafasha mu gukomeza kugeza ubuvuzi kuri benshi kandi mu buryo bwizewe.

# Leta yatangiye koroshya iboneka ry'ibikoresho bishyushya amazi hakoreshejwe imirasire y'izuba

NYIRANEZA Judith

***Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu REG iratangaza ko kuri ubu bishoboka ko abaturage babyifuza bashobora gutandukana no koga cyangwa kogesha ibikoresho byo mu rugo amazi akonje, bakaba bakoresha amazi ashyushye bakoresheje ikoranabuhanga rigezweho rikoresha imirasire y'izuba bizwi nka Solar Water Heater.***

REG ibinyujije mu Kigo cyayo gishinzwe guteza imbere ingufu (EDCL); ku bufatanye na Leta y'u Rwanda yashyiriyeho abakiliya uburyo buborohereza kubona ibyuma bishyushya amazi hakoreshejwe ingufu ziva ku mirasire y'izuba aho Leta y'u Rwanda yageneye inguzanyo itagira inyungu uwifuza ibyo byuma.

Bamwe mu baturage batangiye gukoresha ibyo byuma bavuga ko kuva batangira kubikoresha babonye impinduka.



**Buri muntu ku bushobozi afite ashobora kugura ibyo byuma bishyushya amazi akoresheje imirasire y'izuba**

Mukwindi Marie Ange ni umwe muri abo baturage utuye mu Murenge wa Jali mu Karere ka Gasabo.

Yagize ati: ''Ama unite twakoreshaga mu kwezi yaragabanyutse cyane bitewe n'uko twahagaritse ibyuma bishyushya amazi bikoresheje umuriro w'amashanyarazi, ibi byuma rwose bikora neza.”

Habinshuti Aimable na we atuye mu Murenge wa Runda mu Karere ka Kamonyi.

Yagize ati: ''Hari impinduka nini yagaragaye kuva natangira gukoresha ibi byuma bishyushya amazi ku muriro w'amashanyarazi naguraga buri kwezi, byongeye kandi na Gazi n'amakara twakoreshaga mu rugo nabyo byaragabanyutse cyane kuko ariya mazi aba ashyushye cyane ku buryo uyavoma uhita uteka icyayi, igikoma ndetse n'ibyo kurya.”

REG ivuga ko ibi byuma kuri ubu birimo kuboneka mu ngero zitandukanye kandi ku giciro kijyanye n'amikoro ya buri wese.

Umuturage atanga hagati ya 250,000 na 857,000 y' u Rwanda, REG/EDCL ikamuguriza amafaranga miliyoni imwe n'ibihumbi magana atatu y'u Rwanda ( 1 300 000 Frw) yishyurwa mu gihe cy' amezi 24 angana n'imyaka ibiri.

Mupenzi Marcellin, Umuyobozi muri REG ushinzwe ikwirakwizwa ry'ibyuma bishyushya amazi bikoresheje imirasire y'izuba mu Rwanda, yadutangarije ko kuri ubu hari gahunda yo korohereza abantu bose bashaka ibyo byuma.

Yagize ati: “Nyuma yo kubona ko abaturage bagorwa no kubona ibyuma bishyushya amazi kubera ko bihenze niyo mpamvu REG ku bufatanye na Leta y'u Rwanda yatangiye gushaka uburyo abaturage babyifuza bagurizwa amafaranga yo kugura ibyo byuma adafite inyungu noneho bagahabwa ibyo byuma ku nzu zabo noneho bakajya bagenda bishyura gake gake buri kwezi ariko icyo kibazo kigakemuka mu buryo burambye.”

Ibyo byuma bitangwa na sosiyeti zigenga zifitanye amasezerano na REG-EDCL zigera kuri 7 ari zo Intertech Ldt, Kolmena Group Ltd, Munyax Eco Ltd, Solektra, Hello Renewables Ltd, Neseltec Ltd na Tekaccess Ltd.

REG itangaza ko kuri ubu hamaze gutangwa ibyuma bigera kuri 3,579 mu gihugu hose, kandi ko hari gahunda yo gutanga ibi byuma nibura ku ngo 10 000.

# Abarimu barishimira ikoranabuhanga rya eKash ryabaruhuye ingendo

KAYITARE Jean Paul

***Bamwe mu barimu bakoresha uburyo bw'ikoranabuhanga bwa eKash bukoreshwa mu kubikuza no kohererezanya amafaranga binyuze muri Koperative yo kuzigama no kugurizanya, Umwalimu Sacco, batangaza ko ubu buryo bwabaruhuye ingendo bakoraga bajya kuri banki.***

Iyo abagenerwabikorwa b'Umwalimu Sacco bahembwaga, uretse ngo abakoresha umurongo wa MTN ni bo bakoresha uburyo bwo kubikuza amafaranga bayakuye kuri konti yabo yo mu Umwalimu Sacco.

Kuradusenge Théophile, umurezi mu Karere ka Burera, avuga ko ikoranabuhanga rya eKash rizatuma badakora ingendo zijya kuri banki.

Ati: “Nkanjye nashakaga kwishyura umuntu nkuye amafaranga kuri konti yanjye nyashyira kuri konti ye yo mu yindi banki ntibikunde kubera ko ubwo buryo butari Buhari, byansabaga kubanza kuyohereza kuri MTN Mobile Money, bakankata 600 Frw Hanyuma nkabona kumwishyura.”

Mukamurigo Epiphanie, Umurezi mu kigo cy'ishuri ribanza mu Murenge wa Kiramuruzi mu Karere ka Gatsibo, avuga ko ikiguzi cyo kubikuza amafaranga mu Umwalimu Sacco cyagabanyutse.

Ati: “Kohereza amafaranga ku yindi banki, barimo kunkata 250 Frw kuko mbere bantwaraga 600 Frw, ubu buryo bwa eKash nabonye buje gukemura ikibazo twari dufite.”

Noel Uwineza, umurezi mu ishuri rya Nyamata TSS mu Karere ka Bugesera, yagize ati: “Iyi serivisi ni nziza cyane kuko imbogamizi twagiraga mu kohererezanya amafaranga kuba zikemutse, ndabikunze cyane.”

Umuyobozi Mukuru wa Koperative Umwalimu Sacco, Uwambaje Laurence avuga ko bashyizeho uburyo butandukanye bwo gufasha abanyamuryango kugera ku mari bifashishije ikoranabuhanga.

Asobanura ko eKash ari uburyo bushya bwa Koperative Umwalimu SACCO yakoranye n'Ikigo gitanga serivisi zo guhererekanya amafaranga hifashishijwe ikoranabuhanga, RSwitch.

Ati: “Ni uburyo bwo koherezanya amafaranga ku muntu uwo ari we wese, kuri banki iyo ari yo yose. Niba ufite konti mu Umwalimu Sacco ushobora kuyohereza ukoresheje uburyo bw'ibigo by'itumanaho, unashobora no kuyohereza kuri banki iyo ari yo yose.”

Ubuyobozi bw'Umwalimu Sacco buvuga ko ubusanzwe bari bafite uburyo bwa Mobile banking butaboroherezaga byatwaraga 600Frw, ariko ubu ubukoresha azajya acibwa 250.

Byukusenge Jimmy Christian, umuyobozi muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), yagize ati: “Ntibikiri ngombwa kujya gutonda umurongo kuri banki kandi Koperative Umwalimu Sacco yarabazaniye serivisi z'ikoranabuhanga nka Mobile banking…”

Koperative Umwalimu SACCO yungutse miliyari 14.7 Frw mu mwaka wa 2024, avuye kuri miliyari 11.8 Frw mu mwaka wa 2023.







**Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kabgayi rukeneye kwagurwa**

# Muhanga: Hakenewe 1 100 000 000Frw zo kwagura urwibutso rwa Kabgayi

UWIZEYIMANA Aimable

***Umuyobozi w'Umuryango uharanira inyungu z'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (IBUKA) mu Karere ka Muhanga, Dushimimana Fidele avuga ko hakenewe ingengo y'imari ya miliyari imwe na miliyoni ijana (1 100 000 000frw) kugira ngo urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kabgayi rubashe kwagurwa.***

Avuga ko Urwibutso rwa Jenoside rwa Kabgayi rukeneye kuvugururwa no kwagurwa aho inyigo yakozwe igaragaza ko hakenewe miliyari imwe na miliyoni ijana.

Ati: “Urwibutso rw'Akarere ka Muhanga rwa Kabgayi, twifuza ko rwagurwa rukavugururwa, gusa ntiharaboneka ubushobozi cyane ko inyigo yerekanye ko nibura hakenewe ingengo y'imari yo kurwagura igera kuri miliyari imwe na miliyoni ijana.”

Umusenateri mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda umutwe wa Sena Nyirasafari Esperance, avuga ko hagiye kubaho ibiganiro n'ubuyobozi butandukanye burimo n'ubw'Akarere ka Muhanga kugira ngo hashakwe igisubizo.

Ati: “Ni byo urwibutso rwa Kabgayi rukeneye kuvugururwa no kwagurwa. Rero navuga ko tuzakorana ibiganiro n'ubuyobozi butandukanye burimo n'ubw'Akarere ka Muhanga, noneho nyuma hakorwe ubuvugizi bwo gushaka ubushobozi bwo kwagura urwibutso rwa Kabgayi.”

Umuryango IBUKA wifuza ko Urwibutso rwa Jenoside rwa Kabgayi, ruherereye hepfo y'ibitaro bya Kabgayi ku muhanda mukuru wa Kigali-Muhanga-Huye rwasanwa ndetse rukagurwa, kuri ubu rushyinguyemo imibiri y'inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 igera ku 12 208.

# Musanze: Abarokotse batujwe mu Mudugudu wa Kiryi babangamiwe n'isakaro ryahindutse nk'akayunguruzo

NGABOYABAHIZI Protais

***Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batujwe mu Mudugudu wa Kiryi Akagari ka Kigombe, Umurenge wa Muhoza Akarere ka Musanze bavuga ko bahangayikishijwe nuko inzu batujwemo zishaje, isakaro ryahindutse nk'akayunguruzo bikabateza umutekano muke ngo kuko hari ubwo zishobora kuzabagwaho.***

Abo baturage bavuga ko inzu zabo amabati ashaje, agatobagurika, inkuta nazo zasataguritse ku buryo bahora biteze ko umunsi umwe zazabagwaho, bagasaba kuvugururirwa cyangwa se bagasanirwa.

Ana Mukankubito avuga ko inzu zabo zibateza umutekano muke ngo kuko kuryama mu nzu witeguye ko igikuta kikugwira isaha iyo ari yose aba ari ikibazo.

Yagize ati: “Mu bihe nk'ibi by'imvura ndabyuka nkicara kuko amabati yamaze kuba utuyungiro, ubwo rero mu mvura haba hari ibibazo 2, harimo kuba urukuta rwakugwaho, imvura na yo hejuru ijojoba, iki kibazo kimaze imyaka igera ku 8 dutakambira ubuyobozi, baraza bagafotora tukagira ngo bazadusanira ariko amaso yaheze mu kirere, twifuza ko twatabarwa.”

Komera Abdou ni umwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, avuga ko bafite impungenge z'imibereho yabo.

Yagize ati: “Byose hano turabifite kuko baradufasha ariko ikibazo gikomeye ni uko iyi nzu umunsi umwe izangwaho, amabati arashaje ni ukurara twicaye iyo imvura yaguye, inkuta na zo zigenda zibaragurika hari ubwo rero twazajya kubona tukabona inzu zaturambaraye hejuru kuko zirashaje kuva ku musingi kugera hejuru, nifuza ko Leta yakomeza ikamfasha ikansanira cyangwa se ikavugurura.”

Abo baturage bakomeza bavuga ko inzu zabo basanga rwiyemezamirimo yarabubakiye nabi nk'uko Nyirahabimana Chantal abivuga.

Yagize ati: “Izi nzu njye mbona barazisondetse mu gihe cyo kuzubaka kuko mu gihe cy'umwaka umwe tuzihawe inkuta zatangiye gutandukana, sima ukabona yatangiye gutumuka, ni yo mpamvu ubona inkuta zigenda zihengama, ibikoni nabyo ni ikibazo kuko nabyo byarangiritse, urumva inzu zo mu 2007, ntabwo bikwiye ko n'umusingi wangirika, gusa byari ubutabazi ariko aho bigeze twumva zasanwa, kuko duhorana ubwoba bw'uko zizatugwaho cyangwa se imvura ikatwiciramo.”

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Musanze ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage Kayiranga Theobald avuga ko ikibazo cya ziriya nzu z'abatujwe mu Mudugudu wa Kiryi bakizi ariko ko barimo kureba uburyo basanirwa cyangwa se zikaba zavugururwa.

Yagize ati: “Kuri ubu ikibazo cy'inzu z'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi natwe kituraje inshinga, kuko hari izangirika , izishaje nk'uko no mu Mudugudu wa Kiryi bimeze, mu ngengo y'imari turimo kubakira imiryango 7 mu Karere kose, abo na bo rero tugiye kubasura turebe inzu zifite ikibazo kihutirwa na bo tubasanire.”

Ikibazo cy'inzu z'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, zigenda zisaza imburagihe hari abavuga ko zubatswe huti huti hagamijwe kubabonera amacumbi, ariko kuri ubu bifuza ko nibura zakongera zikavugururwa cyane ko n'isakaro ahenshi ryagiye risaza.

Umudugudu wa Kiryi kuri ubu watujwemo imiryango 15 y'abarokotse Jenoside bakeneye gusanirwa cyangwa kuvugururirwa inzu zabo.



**Igisenge cy'imwe mu nzu y'uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, watujwe mu Mudugudu wa Kiryi**

# Gisagara: Abanyeshuri bajyanye mu biruhuko intego yo kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Urubyiruko rw'abanyeshuri by'umwihariko bo mu bigo by'amashuri bicumbikira abanyeshuri byo mu Karere ka Gisagara, bavuga ko ibiruhuko bagiye kujyamo bafite umugambi wo kwifatanya n'abandi Banyarwanda kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, birinda n'ingengabitekerezo ya Jenoside.***

Umwe muri abo banyeshuri wiga ku kigo cy'amashuri cya College St Joseph mu Murenge wa Kansi, avuga ko ibiruhuko bagiyemo bagomba kwifatanya n'abandi kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'ikindi cyose gikurura amacakubiri.

Ati: "Tugiye mu biruhuko Jyewe rero umugambi mfite ni uwo kwifatanya n'abandi kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 nkitabira ibiganiro bimfasha gusobanukirwa amateka y'Igihugu cyanjye ndetse nkanirinda ingengabitekerezo ya Jenoside nshishikariza n'abandi kuyirinda birinda n'ikindi kibi cyose gishobora gutanya Abanyarwanda."

Mugenzi we na we wiga ku kigo cy'amashuri cya College St Bernard nacyo cyo mu Murenge wa Kansi mu Karere ka Gisagara avuga ko ibiruhuko agiyemo abijyanyemo impamba y'inyigisho yahawe zo kurwanya ikibi no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Mbere yo gutaha twaganirijwe n'abayobozi badusaba kwitwara neza mu biruhuko tugiyemo, rero ngendeye ku mpanuro nahawe zo kwirinda ikibi, mu biruhuko nzifatanya n'abandi kwibuka abacu ndetse nirinde ingengabitekerezo ya Jenoside nanigisha abandi kwirinda ikibi cyose gishobora gutuma bagwa mu byaha byo gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage Dusabe Denise, avuga ko icyo basaba abanyeshuri ari ukwitwara neza mu biruhuko bagiyemo birinda ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Abanyeshuri bagiye mu biruhuko mu gihe tugiye kwinjira mu cyumweru cy'icyunamo n'iminsi ijana yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi. Rero icyo tubasaba ni ukwirinda ikibi cyose bakirinda ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse bakitabira ibikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi kuko bizajya bibafasha gusigasira amateka y'igihugu cyabo no kwirinda amacakubiri."

Mbere yo kujya mu biruhuko uru rubyiruko rukaba mu byo rusabwa n'ubuyobozi harimo kwirinda ibiyobyabwenge n'Ingaruka z'ikoreshwa ryabyo, n'ibindi no kuzitabira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, runasobanurirwa n'amategeko ahana ingengabiterezo ya Jenoside.



**Abanyeshuri biga muri Gisagara biyemeje kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside**



**Abanyeshuri bamaze kumva ibyiza byo kwizigamira**

# Musanze: Kwizigamira bakiri mu mashuri bizabarinda ubushomeri

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu banyeshuri biga muri za kamunuza batangiye kwizigamira mu mafaranga ya buruse bahabwa, bavuga ko nyuma yo kurangiza kwiga bizatuma badahura n'ubushomeri, kuko ngo bazaba bafite amafaranga y'ubwizigame ku makonte yabo muri banki.***

Urubyiruko rumwe na rumwe rurangiza amashuri bakabura igishoro mu mishinga baba barateguye ndetse no kubona inguzanyo bikagorana, bamwe rero mu banyeshuri bo muri kaminuza bavuga ko bafashe ingamba zo gutangira kuzigama amafaranga make make babinyujije mu makompanyi bashinze bakiri ku ishuri.

Hatangimana Dieudonne wo ku ishuri rikuru ry'ubumenyingiro rya Musanze (IPRC) avuga ko kwizigamira ari imwe mu ntwaro yo kuzashyira umushinga wawe mu bikorwa.

Yagize ati: "Kuri ubu twiyemeje kwishakamo ibisubizo dutangira kwizigamira tukiri bato, duhera ku mafaranga duhabwa y'ifunguro ku ishuri, aho twiyemeje kwigomwa nibura amafaranga ibihumbi 2, ibi bizatuma tubasha gushyira mu bikorwa umushinga wacu turimo gutegura binyuze mu itsinda ryacu, ibi bizatuma tubasha no kubona inguzanyo mu buryo bworoshye kuko tuzaba dufite icyo duheraho."

Gustave Cyiza we avuga ko ikibazo cy'ingwate ari ikintu kigora urubyiruko kugira ngo rubashe kwikura mu bukene no kwirinda ubushomeri nyuma yo kurangiza amasomo.

Yagize ati: "Usanga umuntu arangiza kaminuza, amaso agatangira kuyahanga ahandi ashobora kubona akazi, nabwo yatekereza umushinga akabura igishoro, uburyo bwo kwizigamira tukiri ku ntebe y'ishuri rero bizatuma na cya kigo cya BDF cyishingira urubyiruko kigira aho gihera. Urubyiruko rwo muri za kaminuza n'amashuri makuru rugire umuco wo kwizigamira hakiri kare."

Umuyobozi mukuru w'Ikigega gitera Inkunga Imishinga y'Iterambere (BDF) Munyeshyaka Vincent, yabwiye Imvaho Nshya ko hari ubukangurambaga iki kigo cyatangiye gukora mu bigo by'amashuri makuru na kaminuza ngo rugire umuco wo kwizigamira.

Yagize ati: "Kwizigamira ukiri muto ni gahunda nziza kuko burya na bwo ni uburyo bwo gutegura ejo hazaza hawe, urubyiruko rwo mu mashuri makuru na za kaminuza n'ubwo BDF itanga ingwate kuri 75% by'inguzanyo, ariko nanone ni byiza ko rugira icyo ruheraho.

Si ngombwa kandi ko umuntu atega amaso buri gihe ibyo hanze, ni muri urwo rwego nka BDF, hari gahunda yitwa "Birashoboka na BDF", tunyura mu bigo by'amashuri tubasaba kumenya kuzigama hakiri kare."

Gahunda y'ubukangurambaga mu gushishikariza urubyiruko kwizigamira imaze igihe kingana n'amezi 3 hagamijwe kuvuga ibikorwa bya BDF no kwihutisha serivise.

BDF yashinzwe mu mwaka 2011 na Leta y'u Rwanda binyujijwe muri Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD), mu rwego rwo gufasha no korohereza ba rwiyemezamirimo bato n'abaciriritse kugera kuri serivisi z'imari, harimo ingwate ku nguzanyo, cyane cyane ku rubyiruko n'abagore, aho kishingira inguzanyo ku kigero cya 75%.





# Kirehe: Uwarwaye impyiko akivuza agakira atanga inama yo kwipimisha

**HITIMANA Servand**

***Mu gihe uburwayi bw'impyiko bugenda bwiyongera, Abanyarwanda barasabwa kujya bipimisha impyiko nk'inama bagirwa n'uwazirwaye akajya kwa muganga bakamuvura agakira, kuko kwivuza hakiri kare bifasha kugira ngo abagaragaza uburwayi bakurikiranirwe hafi.***

Ni ubutumwa bwagarutsweho n'inzobere mu buvuzi bw'impyiko kuri uyu wa Kane tariki ya 3 Mata 2025 ubwo hizihirizwaga Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kwita ku ndwara z'impyiko wizihirijwe mu Karere ka Kirehe.

Mu buhamya bw'abarwaye impyiko bagaragaza ko ubu burwayi habanza kubwitiranya n'indwara za kinyarwanda zirimo n'amarozi bityo bakazahazwa n'imiti gakondo bahabwa.

Ahishakiye Esperance wavuwe impyiko agakira yagize ati: "Nafashwe mbyimba mu maso, mbyimba ibirenge nkanaruka. Bambwiye ko narozwe njya kwivuza mu kinyarwanda aho nagiye mpabwa imiti myinshi gusà biba ibyubusa. Natakaje amafaranga menshi birankenesha nyamara gukira biranga.

Iyi miti nayo yaranzahaje kugera ubwo Umujyanama w'ubuzima yaje akatugira inama, njyanwa kwa muganga bansangana uburwayi bw'impyiko."

Uwo mubyeyi w'imyaka 25 ufite abana babiri n'umugabo akomeza avuga ko yavuwe agakira ndetse anasaba ko uwagaragaza ibimenyetso yajya agana abaganga.

Ati: "Ndashima ko ngeze kwa muganga nahuye n'umuganga w'impyiko wahise anankurikirana njyanwa mu bitaro bya Rwamagana aho navuriwe ndakira. Ndasaba ababa bagifite imyumvire nk'iyo nari mfite, kuva mu byo kwivuza mu buryo bwa gakondo bakajya bagana amavuriro yemewe bagasuzumwa n'abaganga babyize."

Dr Ntabanganyimana Etienne umwe mu baganga 7 bavura impyiko u Rwanda rufite yavuze ko iyo indwara z' impyiko zimenyekanye hakiri kare zivurwa zigakira.

Ati: "Ikihutirwa dusaba abaturage ba Kirehe n'Abanyarwanda muri rusange ni ukwisuzumisha. Ikindi ni ukugeza aya makuru ku baturage bose bakamenya ibishobora kuba intandaro yo kwangiza impyiko.Umuntu umenye ko impyiko ze zifite ikibazo hakiri kare byoroha kumuvura. Iyo bikabije bisaba ko umuntu yahindurirwa impyiko, amakuru meza ni uko ubu mu Rwanda iyi serivisi twatangiye kuyitanga."

Uyu munsi wizihijwe ku bufatanye bw'inzego z"ubuzima n'umufatanyabikorwa Inshuti mu buzima.

Kugeza ubu ku Isi habarurwa abarwayi b'impyiko bagera kuri miliyoni 850. Muri bo 85% bari mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere n'u Rwanda rurimo.

Muri miliyoni 3,9 bakeneye ubuvuzi ababubona ni ibihumbi 800.

Muri Afurika iyi ndwara yiganje mu bakiri bato aho yibasira abafite imyaka hagati ya 20 na 50.




**Ahishakiye Esperance wagize amahirwe yo gutahura ko arwaye impyiko ashima ko yavuwe agakira**

# Yahereye ku biti 50 by'ikawa none ageze ku gipimo gifite agaciro ka miliyoni 3Frw

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Nyirandemeye Donatha utuye mu Murenge wa Mushubati, Akagari ka Cyarusera, Umudugudu wa Cyahafi, yagaragaje uburyo ubuhinzi bw'ikawa yatangiye mu 2015 bumaze kumufasha gutera imbere by'umwihariko akaba amaze kugera ku biti 280 bifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda ka miliyoni 3.***

Avuga ko ajya gutangira guhinga ikawa byaturutse ku ishyaka yatewe na bagenzi be yabonaga bahinga ikawa bakazijyana ku isoko bityo agahitamo guhita atangira kuzihinga.

Yagize ati: "Igitekerezo cyo guhinga ikawa nagikuye ku bandi, kuko nabonaga basoroma nkabona barimo kuzijyana ku ruganda, twaba tuganira nk'umva nk'umuntu w'umunyamuryango arimo kuvuga ati najyanye ikawa, bwacya akambwira ngo naguze umurima, abana banjye barambara neza, maze numva ngize ishyaka."

Yakomeje agira ati: "Hari n'uwambwiye ngo yarihiye umwana we ishuri ararangiza, nkibyumva na njye mpita nkunda ikawa."

Uyu mubyeyi avuga ko yari abayeho mu buzima bubi atabasha kubona amafaranga atunze umuryango we cyangwa ngo agire icyo agura ku ruhande.

Ati: "Sinabashaga kwizigama, sinabashaga kwishyurira abana ishuri ndetse no gutanga ubwishingizi mu kwivuza byari ingume kuri njye. Nakoreraga amafaranga y'u Rwanda agera ku 10 000 ku Kwezi nayo atuzuye neza nkayaguramo amakayi y'abana n'imyambaro amafaranga akaba arashize."



**Nyirandemeye Donatha**

Yavuze ko yagiye mu itsinda mu 2015 atangira kwizigamira gutyo.

Ati: "Ubwo rero nagiye mu itsinda, mu 2015 nza kuguzamo 300 000Frw, nguramo igipimo cy'ikawa cyarimo ibiti 50, naragikoreye, ndasasira ku mafaranga nakuraga mu matsinda nari ninjiyemo."

Akomeza agira ati: "Bwa mbere nsaruye mu 2017 nahise nguramo inka [Ikimasa] amafaranga 150 000 RWF ndacyorora kikajya kimpa ifumbire, nayo nza kuyigurisha mpita nguramo ikindi gipimo cy'ikawa ubu byombi hamwe bifite agaciro ka 3.000.000 RWF kuko byahise biba bibiri ari na byo kugeza ubu birimo ibiti 280."

Uwo mubyeyi agira inama abandi bantu gutinyuka bahinga ikawa kuko ari yo yamuvanye mu bukene ubu akaba atunze umuryango we afite n'icyerekezo cyo kuzagura undi murima ku buryo azajya agemura nk'ibilo 600 by'ikawa.

Ubwo, Imvaho Nshya yasangaga uwo mugore ari mu murima we w'ikawa, yavuze ko mu gihe agiye gusoroma izasigayemo nko mu kwezi adashobora kuburamo izingana n'ibilo 50 agurisha ku 1,500 RWF ku kilo, agakuramo agera ku 75 000 RWF amafaranga avuga ko amufasha kwita ku muryango we, kwizigamira no korora andi matungo magufi nayo amuha ifumbire akarushaho kwiteza imbere.

Abaturage bo mu Karere ka Rutsiro batunzwe n'ubuhinzi n'ubworozi mu bice bimwe na bimwe by'icyaro by'umwihariko mu Murenge wa Mushabati, aho Nyirandemeye Donatha atuye benshi bakaba batunzwe n'ubuhinzi n'ubworozi.

## INYANDIKKO



IBIRO BY'UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA
ME NGENDAHAYO Jean d'Amour
TEL : 0785830457
E-mail : ktngendahayo12@gmail.com

INYANDIKO ISABA GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'URUKIKO

Umwaka wa **2025** ukwezi kwa **02** umunsi wa **27**;

Mbisabwe na **MUKANYANDWI Clarisse**

Mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa ry'inyandikompesha n° **RC00818/2022/TB/GSBO** rwaciwe kuwa **26/07/2024**, uru rubanza rukaba rwarabaye itegeko kugirango r urangizwe. Nshingiye ku Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, cyane cyane mu ngingo ya 218;

Nsabye **NSENGIYUMVA Jerome** gushyira mu bikorwa icyemezo cy'urukiko n° **RC00818/2022/TB/GSBO** dushingiye kuri rutegetse ya 24 igira iti " rutegetse ko umutungo utimukanwa ufite UPI:1/02/11/03/3016 ugizwe n'inzu nini na annexe 2 ndetse n'igice cy'ubutaka bwo guhinga bugurishwa amafaranga avuyemo MUKANYANDWI Clarisse na NSENGIYUMVA Jerome bakayagabana muburyo bungana.

Amafaranga angana na **5%** y'igihembo cy'Umuhesha w'Inkiko hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri N°023/MOJ/AG/2017 ryo kuwa 23/10/2017 mu ngingo yaryo ya 4 n'ingingo ya 262 CPCCSA igenga uburyo bw'imyishyurire.


Ndabibutsa kandi ko kutagaragaza umutungo wanyu mu masaha 24 mukimara kubona ubu busabe, Nzafatira umutungo wavuzwe haruguru kugiranfgo ugurishwe amafaranga avuyemo agabanwe kuburyo bungana .

Ku mugereka murahasanga kopi y'urubanza rwavuzwe haruguru

Bikorewe i Kigali, kuwa 27/02/2025

**Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga**
**Jean d'Amour NGENDAHAYO**

## ITANGAZO RY'ISOKO



**ISHURI RYISUMBUYE RYA KARANGAZI** **kuwa 20/3/2025**
**B.P 164NYAGATARE**
TEL:0788632484
**E-MAIL :karangaziss1@gmail.com**
**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya **KARANGAZI (Karangazi secondary school)** riherereye mu karere ka NYAGATARE, Intara y'iburasirazuba, buramenyesha Amakoperative ndetse n'Abacuruzi babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira amasoko akurikira :

-Ibiryo bizakoreshwa igihembwe cya gatatu 2024-2025


- Ibitanda abanyeshuri bararaho

Igitabo gikubiyemo amabwiriza ajyanye nisoko , kiboneka mubunyamabanga bw' ishuri mu masaha y'akazi guhera kuwa 20//03/2025 hamaze kwishyurwa amafaranga ibihumbi icumi **(10,000frws)** adasubizwa yishyuwe kuri konti y'ishuri N0 **00058-07728666-39** iri muri **banki ya kigali (BK)** bitarenze tariki 20/04/2025,ari nawo munsi wo gufungura amabahasha akubiyemo ibiciro mu ruhame saatanu zuzuye (11h00) za mugitondo ku cyicaro cy'iryo shuri.

**GATUNGO RUTAHA MATHIEU**

Umuyobozi w' ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO



**ITANGAZO RY'ISOKO.**

Ubuyobozi bw'ishuri rya MUTENDELI TSS riherereye mu karere ka Ngoma, mu Murenge wa Mutendeli bufatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko bwishimiye gutumira Amakoperative na ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira isoko ryo kugemura ibiribwa mu gihembwe cya gatatu, umwaka w'amashuri wa 2024-2025. Abifuza gupiganira ayo masoko barasabwa kuza gufata igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera tariki ya 5/04/2025 bamaze kwerekana bordereau yishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi (10,000Rwf) kuri Konti nimero 568314770211 iri muri Banque Populaire y'ishuri ryisumbuye rya Mutendeli TSS. Umunsi wa nyuma wo kwakira amabaruwa ni kuwa 24/04/2025 saa yine n'igice (10:30'); gufungura amabaruwa ni kuri uwo munsi saa tanu (11:00') za mu gitondo.

Bikorewe i Mutendeli kuwa 4/04/2025

**MWAMBUTSA Benjamin**

Umuyobozi wa Mutendeli TSS.

# Mariya Yohana yishimira ko indirimbo Intsinzi yaherekeje abari ku rugamba

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi Mariya Yohana avuga ko yishimira ko indirimbo Intsinzi yaherekeje abari ku rugamba rwo kubohora Igihugu nubwo yayiririmbye atabyizeye.***

Yabigarutseho mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, ubwo yari abajijwe uko yakiriye kuba yarahanuye intsinzi, ikagerwaho.

Yagize ati: "Nayihimbye kera n'imyaka itaragera, nayihimbye mu 1992, nabikoze nta bitekereje, sinari nizeye ko bishobora gucamo, ariko nari nizeye intsinzi nk'uko nayiririmbye, tumaze kubona intsinzi numvise nishimye."

Yishimiye kandi uruhare iyi ndirimbo yagize mu guherekeza abasirikare ba RPA babohoraga Igihugu.

Ati: "Iyo mbona ibyinwa nshima Imana ko icyo nakoze cyakunzwe kandi kigaherekeza abari ku rugamba bakagera mu Rwanda. Yego hari abo twatakaje ariko ibyo ni Imana yabikoze, ariko kandi abasigaye yarabasigaje kandi twageranye mu Rwanda turirimba Intsinzi bya nyabyo noneho."

Yongeraho ko kuba afite abakunzi b'ibihangano bye benshi, bimutera imbaraga mu buzima bw'umuziki ku buryo ubuhanzi bwe bwamuhaye abana.

Mariya Yohana avuga ko tariki 3 Nyakanga 2025, ateganya gutaramira abakunzi mu gitaramo yise 'Dukomeze ibirindiro' yitiriye indirimbo yahimbiye Umukuru w'Igihugu, akaba azafashwa n'abahanzi batadukanye bafite amazina akomeye mu Gihugu.



Umuhanzi Mariya Yohana

## Ruhango: Umukecuru warokotse Jenoside arasaba ubufasha bwo kubakirwa

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Mukarubibi Xaverina umukecuru w'imyaka 70, utishoboye warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, utuye mu Murenge wa Kinazi, Akarere ka Ruhango, aravuga ko ubuyobozi bukwiye kumutabara akubakirwa kuko inzu abamo yenda gutembanwa n'inkangu.***

Mukarubibi avuga ko ubuyobozi bukwiye kumufasha kuko inkangu aturanye nayo igenda isatira inzu abamo.

Ati: "Icyo jyewe nsaba Ubuyobozi ni ukumfasha kwimuka nkava iruhande rw'iyi nkangu ubona ko igenda insatira kandi jyewe nta bushobozi bwo kuhivana ngo njye gutura ahandi mfite."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kinazi mu Karere ka Ruhango Gasasira Francois Regis, avuga ko Mukarubibi, ubuyobozi bugiye kumwimura bukaba bumukodeshereza.

Ati: "Ni byo Mukecuru Mukarubibi bigaragara ko aho atuye hashobora gushyira ubuzima bwe mu kaga. Rero nk'ubuyobozi bw'Umurenge tugiye guhita tumwimura tube tumukodeshereje ubundi atangire kubakirwa."

Muri uwo Murenge wa Kinazi amacumbi y'abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ari ku rutonde rw'agomba gusanwa andi akubakwa asaga78.





# Ibyo Alain Mukuralinda azibukirwaho mu myidagaduro

**MUTETERAZINA Shifah**

***Uretse kuba yari Umuvugizi wungirije wa Guverinoma y'u Rwanda Alain Bernard Mukuralinda yamenyekaye cyane nk'umuhanzi w'indirimbo zitandukanye zakunzwe n'abatari bake, nyuma aza gutangira kuzamura impano z'abahanzi batandukanye.***

Mu gitondo cyo kuri uyu wa Gatanu tariki 04 Mata 2025, Guverinoma y'u Rwanda ibinyujije mu itangazo yatangaje inkuru y'inshamugongo ko uwari Umuvugizi wayo wungirije Alain Mukuralinda yitabye Imana azize guhagarara k'umutima nyuma yo kugezwa mu bitaro byitiriwe umwami Faisal arembye agahita ajya muri Koma.

Muri iyi nkuru turagaruka by'umwihariko ku ruhare uyu mugabo yagize mu ruganda rw'imyidagaduro bihereye ku byishimo yahaye abakunzi b'ibihangano bye, abo yazamuye n'ibindi.

Mu buhanzi bwe yamenyekanye nka Alain Muku, yanditse anaririmba indirimbo zitandukanye zirimo 'Mukundire ko ari umuntu', igaruka ku kwigisha abantu ko bagomba guha agaciro bagenzi babo.

Murekatete ivuga ku rukundo, indirimbo zirata ibigwi by'amakipe zirimo Tsinda batsinde ifatwa nk'indirimbo y'ibihe byose y'ikipe y'Igihugu Amavubi n'izindi.

Muri uko kuririmba ni ho Alain Mukuralinda yaje gushinga sosiyete ifasha abahanzi mu bujyanama (Label) yise The Boss Papa, yazamukiyemo abatari bake mu bahanzi barimo Clarisse Karasira, Nsengiyumva Francois uzwi cyane nka Gisupusupu.

Nyuma yaje gutangiza umushinga witwa Hanga higa, aho bazengurukaga mu gihugu hose, bashaka impano zikiri nto, cyane cyane hakibandwa ku bakora injyana gakondo.

Uwo mushinga wahiriye benshi barimo Elisha the Gift wayitwaye ku nshuro ya mbere ndetse na Rugamba Claude wanashinze itorero rikomeye rya Kinyarwanda ryitwa Urukatsa.

Uretse kuba yari umunyapolitiki Mukuralinda yahoraga ahamagarira abahanzi kuririmba injyana zo mu bihugu byo hanze ariko bagashingira ku mwimerere w'injyana gakondo ku buryo n'uwayumva yakumvamo umwimerere w'Abanyarwanda.

Mu kwezi k'Ukuboza 2021 ni bwo Inama y'Abaminisitiri yemeje Alain Mukuralinda ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije wa Guverinoma.

Yakoze imirimo itandukanye muri Leta, aho yabaye Umushinjacyaha akaba n'Umuvugizi w'Ubushinjacyaha bw'u Rwanda, umwanya yavuyeho mu 2015 ubwo yasezeraga by'igihe kitazwi mu bakozi ba Leta.

Uyu mugabo wavukiye i Kigali mu mwaka wa 1970, yari afite impamyabumenyi y'amategeko yakuye muri Kaminuza Gatolika ha Louvain mu Bubiligi mu 1998.



Alain Bernard Mukuralinda



Muyoboke Alex yibukije ibyamamare kuba maso mu bihe byo Kwibuka31

## Muyoboke Alex yibukije ibyamamare kuba maso mu bihe byo Kwibuka31

**MUTETERAZINA Shifah**

***Muyoboke Alex umenyerewe cyane nk'umujyanama wihariye w'abahanzi batandukanye yibukije ibyamamare bitandukanye gukoresha imbuga nkoranyambaga basubiza abifuza kugoreka amateka y'u Rwanda.***

Yabigarutseho mu gihe u Rwanda n'inshuti zarwo bitegura kwinjira mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Abo tubana mu myidagaduro bumve ubu butumwa, noneho tugiye kwinjira mu bihe byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, turi mu bihe bitari byiza, [.....] cyane cyane bariya bayipfobya. Iki ni cyo gihe kugira ngo tube turi hamwe, tube inyuma y'Umukuru w'Igihugu cyacu, tugomba kuba turi maso tukarwanya wa wundi wese ushaka gufatirana ibihe tugiye kwinjiramo."

Yakomeje agira ati: "Tube hamwe nk'Abanyarwanda, ibyamamare dukurikirwa n'abantu benshi, mbabone twese tuvugira hamwe tuti impore Rwanda, kandi ni byiza ko tubasubiza aho bavugira kuko bavugira ku mbuga nkoranyambaga, natwe tuzikoresha tubasubiza. Ndashaka ko twese (Abasitari) duhaguruka tukerekana ko Igihugu cyacu kitavogerwa n'uwo ari we wese, byongeyeho mu bihe bikomeye mu mateka yacu."

Muyoboke avuga ko nta n'umwe ukwiriye kwifata ngo aceceke bitewe no kumva adashaka kwiteranya, kubera ko abagoreka bavuga, bakanavuga ibitari byo, kandi badahari, bakwiye kuvuga ukuri kw'ibyo babona.

Uyu mujyanama mu bya muzika, avuga ko atajya yerekeza mu bihugu by'amahanga mu bihe byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko ari yo mahame agenderaho yumva akwiye kuguma mu gihugu akagumana n'abantu be, akabona ariko byari bikwiye kuri buri mu nyarwanda.

Muyoboke avuze ibi mu gihe yitegura kuzajya muri Uganda gutegura imigendekere y'igitaramo The Ben ateganya kuhakorera mu kwezi gutaha.

Imvaho Nshya
Siporo

NO .E-7 TARIKI 01-07 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Bamwe mu bakinnyi bakomeye bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994



**Bamwe mu bakinnyi bari barubatse izina bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

***Kuva kuri uyu wa Mbere tariki ya 7 Mata 2025, imyaka 31 irashize u Rwanda n'Abanyarwanda bibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yaguyemo abarenga miliyoni igasenya ubuzima bwose bw'igihugu.***

Imikino na yo ntiyasigaye kuko abari bayigize nk'abakinnyi n'abatoza na bo bishwe urw'agashinyaguro bazira uko bavutse.

Abakinnyi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni benshi cyane ariko muri iyi nkuru haragarukwa ku bari bakomeye cyane bishwe muri icyo gihe.

**Ntarugera Emmanuel (Gisembe)**

Umwe mu bakinnyi bari bakunzwe kandi bazwi cyane mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni Ntarugera Emmanuel wamamaye nka Gisembe mu mukino wa Basketball.

Uyu mukinnyi yavukiye i Nyamirambo mu Mujyi wa Kigali mu 1961, yitaba Imana mu 1994 yishwe muri Jenoside.

Yakinaga muri Espoir BBC y'iwabo. Abamubonye mu kibuga bahamya ko yari umwe mu bakinnyi b'abahanga bariho icyo gihe cyane ko yabifashwagamo n'indeshyo ye kuko yareshyaga na metero ebyiri.



**Ntarugera Emmanuel wamamaye nka Gisembe mu mukino wa Basketball.**

Uyu mugabo kandi yaje kwitirirwa Irushanwa ryo Kwibuka abahoze ari abakinnyi, abatoza n'abakunzi ba Basketball rizwi nka 'Gisembe Memorial Tournament'.

**Buregeya Anastase (Masaka)**

Buregeya Anastase ni undi mukinnyi ukomeye wahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Uyu mugabo watazirwaga Masaka yakinaga mu kibuga hagati mu Ikipe ya Rayon Sports.

Abamubonye akina ndetse n'abo bakinanye bahamya ko yari umwe mu bakomeye bari muri shampiyona muri icyo gihe.

**Sebalinda Ngoga Dominique**

Biragoye kuganira n'abakurikiye Volleyball hagati ya 1986 kugera mu 1994 ngo babure kukubwira izina Sebalinda Ngoga Dominique.

Sebalinda yari umwe mu bakinnyi bakomeye cyane bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akaba yarareshyaga na metero ebyiri.

Yakiniye amakipe atandukanye nka Groupe Scolaire Officiel de Butare, Kaminuza y'u Rwanda, P.S. Kabgayi, Foudres, Kigali Volleyball Club yitwaga Buhiri na Muzinga y'i Burundi. Yakiniye Ikipe y'igihugu hagati ya 1986 na 1994.

Sebalinda yishwe muri Jenoside hamwe n'ababyeyi be bombi, bashiki be babiri na barumuna be babiri.

Volleyball ni imwe mu mikino yashegeshwe na Jenoside cyane kuko muri ibi bihe, abagize umuryango mugari, bibuka abahoze ari abakinnyi n'abayobozi bagera kuri 43.



**Sebalinda Ngoga Dominique uri (iburyo) ni umwe mu bakinnyi bari bakomeye muri Volleyball bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

**Kalisa Innocent (Americain)**

Kalisa Innocent watazirwaga (Americain) ni umwe mu bakinnyi bakomeye bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akaba yarakiniraga Rayon Sports.

Uyu mugabo wakinaga nka myugariro ni umwe mu beza bari muri Shampiyona y'u Rwanda muri icyo gihe nk'uko ahurizwaho na benshi bayikurikiraga.

Gikundiro, ni imwe mu makipe yabuze abakinnyi n'abayobozi benshi muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko abazwi bagera kuri 21.

**Rudasingwa Martin**

Myugariro Rudasingwa Martin wakiniraga Kiyovu Sports ni umwe mu bakinnyi bakomeye cyane bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Abakurikiranaga iyi kipe y'i Nyamirambo muri icyo gihe, bahamya ko yari mu bakinnyi beza kubera imikinire yuje ubwenge, imbaraga ndetse n'amayeri menshi y'umupira.



**Myugariro Rudasingwa Martin ashyikiriza umuyobozi igikombe**